# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-21 | TARIKI 08 - 14 NYAKANGA 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw






AMAKURU

U Rwanda rwaheshejwe igihembo na gahunda yongereye ubumenyi mu ikoranabuhanga 2



AMAKURU

Perezida Kagame yakiriye Uhuru Kenyatta wayoboye Kenya 4



UBUKUNGU

Ibiciro ku masoko byazamutseho 7% muri Kamena 2025 12



SIPORO

APR BBC yatsinze REG BBC yegukana igikombe cya 16 cya shampiyona 27




# U Rwanda rwakiriye inama igaruka ku rushinge rufasha kwirinda SIDA




**Aba ni bamwe mu bitabiriye Inama Mpuzamahanga ya 13, 'IAS 2025' ivuga kuri Virusi itera Sida**

**KAYITARE Jea Paul**

***Mu Rwanda hatangiye inama mpuzamahanga ya 13 ivuga kuri Virusi itera Sida izwi nka 'IAS 2025' ihuje abarenga 3 000 baturutse hirya no hino ku Isi, aho abayitabiriye bazaganira ku rushinge ruzafasha kwirinda Sida.***

Ikiganiro cyihariye Minisitiri w'Ubuzima, Dr Sabin Nsanzimana, yahaye Imvaho Nshya yavuze ku nama yatangiye kuri iki cyumweru tariki 13 ikazarangira 17 Nyakanga 2025.

Yagize ati: "Mu bintu bya Sida, hari ikintu gishya kirimo kuvugwa, hari agashinge bagiye kujya batera abantu, bagatera umuntu rimwe mu mezi atandatu kakakurinda kwandura Virusi itera Sida.

Ako gashinge bazaba barimo kukavugaho, nk'u Rwanda twishimiye kwakira abo bantu bose bavuye ku Isi hari n'ibindi byinshi bizaganirwa mu nama mpuzamahanga ivuga kuri Sida."

KOMEZA KU RUP.3

## Rusizi: FPR Inkotanyi yubakiye uwarokotse Jenoside inzu ya miliyoni 18 Frw

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Uwimana Théodore warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ari mu byishimo bikomeye nyuma yo gushyikirizwa inzu ya miliyoni zisaga 18 z'amafaranga y'u Rwanda, akanorozwa inka y'amafaranga y'u Rwanda asaga ibihumbi 500.***

Ni igikorwa cyakozwe n'abanyamuryango ba FPR-Inkotanyi mu Karere ka Rusizi, bishimira intambwe bamaze gutera mu gushyira mu bikorwa ibikubiye mu igenamigambi ry'Umuryango FPR- Inkotanyi rya 2024-2029.

KOMEZA KU RUP.3

## OMS yahaye Perezida Kagame igihembo cyo kurwanya ibyorezo




INKURU KU URUP.2

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# OMS yahaye Perezida Kagame igihembo cyo kurwanya ibyorezo

ZIGAMA Theoneste

***Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS) ryageneye Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame igihembo cyo kumushimira ubuyobozi yagaragaje mu guharanira ko hajyaho uburyo bwo gukumira, kwitegura no guhangana n'ibihe by'ubuzima bidasanzwe.***

Igihembo cyatanzwe n'Umuyobozi wa WHO, Dr Tedros Ghebreyesus Adhanom, cyakiriwe n'Ambasaderi uhoraho w'u Rwanda ku Cyicaro cy'Umuryango w'Abibumbye i Geneva mu Busuwisi Urujeni Bakuramutsa, mu izina rya Perezida Kagame.

Perezida Kagame yashimiwe ubwo hasozwaga igikorwa cyo gutangiza Amasezerano Mpuzamahanga yo gukumira ibyorezo agamije gufasha ibihugu byose kubona uburenganzira n'ubushobozi busesuye bwo guhangana na byo.

Perezida Kagame yashimiwe na OMS, mu gihe inzego zitandukanye zidahwema kumushimira ubwitange ashyira mu guharanira kubaka inzego z'Afurika zitajegajega by'umwihariko urw'ubuzima.

Mu Kuboza 2024 u Rwanda rwatangaje ko rwatsinze burundu icyorezo cya Marburg, nyuma y'urugendo rutoroshye inzego z'ubuzima zari zimaze zihanganye na cyo.

Hakurikiyeho gukurikirana ibirombe byagaragayemo uducurama twacyanduje abantu ku buryo tutazongera guhura na bo ngo tubanduze indwara.



**OMS yahembye Perezida Kagame kubera uruhare agira kwita ku buzima**

Icyo gihe OMS yagaragaje ko kugera kuri iyo ntambwe byavuye mu muhate w'u Rwanda wo guharanira ko ubuzima bw'abaturage bubungabungwa ariko n'ubufatanye bw'inzego z'ubuzima mpuzamahanga.

Perezida Kagame ni Umuyobozi w'Ishami ry'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU) rishinzwe Gushakira Inkunga Ubuvuzi bw'Imbere muri Afurika no kubaka urwego rw'ubuzima rukomeye ku Mugabane binyuze mu kwimakaza kwishakamo ubushobozi.

Amasezerano Mpuzamahanga yo kurwanya Ibyorezo yemejwe muri Gicurasi 2025, akaba ari yo ya mbere agenga ibyorezo yemejwe mu mateka y'Isi.

Ni umwanzuro wafatiwe mu Nteko Rusange y'Urwego rw'Ubuzima washyize iherezo ku biganiro byamaze imyaka itatu byakozwe na za Guverinoma mu guhangana n'ingaruka za COVID-19.

Ikindi cyari kiraje ishinga za Guverinoma kwari uguharanira kugera ku ntego yo gufasha Isi kurushaho kubaka ubushobozi bwo guhangana n'ibyorezo by'ahazaza mu buryo bungana.

Dr Tedros yagize ati: "Uyu munsi Isi iratekanye, ndashimira ubuyobozi, ku mikoranire n'ukwiyemeza kw'Ibihugu by'abanyamuryango batoye aya masezerano ya WHO. Ni intsinzi ku buvuzi rusange, siyansi n'ubufatanye bw'Inzego."

# U Rwanda rwaheshejwe igihembo na gahunda yongereye ubumenyi mu ikoranabuhanga

NTAWITONDA Jean Claude

***Ikigo Mpuzamahanga cy'Ikoranabuhanga mu Itumanaho (ITU) cyahaye u Rwanda igihembo kubera Gahunda y'Urubyiruko rw'Intore mu ikoranabuhanga (Digital Ambassadors Program/DAP) yafashije u Rwanda kwihuta mu iterambere ry'ikoranabuhanga.***

Iyo gahunda yatangijwe na Guverinoma y'u Rwanda muri Nzeri 2017 ikaba yaratangiranye Intore mu by'ikoranabuhanga 50 ariko ikaba igeze ku basaga 2 000 n'abakurikirana ibikorwa byabo barenga 60.

Kuva mu mwaka wa 2017 kugeza mu 2024, Intore mu by'ikoranabuhanga bongereye ubumenyi abaturage 3 262 869 bahereye mu bice binyuranye by'u Rwanda.

Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MINICT) ivuga ko iyo gahunda yafashije Igihugu kongera ubumenyi mu by'ikoranabuhanga mu Rwanda, bukava ku kigero cya 10% bukagera ku cya 75,2% mu gihe cy'imyaka irindwi gusa.

Igihembo cyahawe u Rwanda kubera iyo gahunda cyashyikirijwe Uhagarariwe u Rwanda mu cyicaro cy'Umuryango w'Abibumbye i Geneva mu Busuwisi, Urujeni Bakuramutsa mu Nama Mpuzamahanga yiga ku Isakazamakuru muri Sosiyete (WSIS) ibaye ku nshuro ya 20.

Ikigo cy'Ikoranabuhanga mu Itumanaho n'Isakazabumenyi (RISA) cyashimiye Ambasaderi Urujeni Bakuramutsa ku bwo kwakira igihembo gishimangira ukwiyemeza k'u Rwanda mu guteza imbere ikoranabuhanga.


**U Rwanda rwahawe igihembo kubera guteza imbere ikoranabuhanga**

### Abafashijwe muri gahunda ya DAP barayivuga imyato

Abaturage bongerewe ubumenyi mu gukoresha ikoranabuhanga binyuze muri iyo gahunda, bishimira ubumenyi bungutse mu mikoreshereze y'ikoranabuhanga rigezweho.

Umwe muri abo baturage witwa Gihozo Morah, yagize ati: "Urubyiruko na njye rwarampuguye muri ICT, ubu ndi umuhanga muri excel (spreadsheet), kandi narize amategeko, harakabeho Leta y'ubumwe yadutekerejeho."

Uwitwa Rwagasore na we ati: "Intore mu by'ikoranabuahnga ni igisubizo ku Banyarwanda, reka tubyikorere."

Gahunda ya DAP ishingiye ku gushaka abasore n'inkomi bafite inyota yo kwihangira imirimo binyuze mu kongerera abandi ubumenyi mu by'ikoranabuhanga ndetse bakaba n'umusemburo w'impinduka muri sosiyete nyarwanda.

Intore mu by'ikoranabuhanga (DAs) bagenda bakurwa mu rubyiruko ruhanga udushya bagakwizwa mu bice bitandukanye mu gihugu kugira ngo bahure n'abaturage kandi babatoza kugera kuri serivisi za Leta zitangirwa ku ikoranabuhanga n'izindi serivisi za telefoni binyuze ku rubuga Irembo.

Iyo gahunda inavugwaho gufasha abaturage n'abacuruzi gukoresha ikoranabuhanga mu koroshya ibikorwa byabo no kwimakaza ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu nzego za Leta, mu bucuruzi, mu buhinzi, mu gutanga serivisi z'imari, ubuzima n'ibindi.





# U Rwanda rwakiriye inama igaruka ku rushinge rufasha kwirinda SIDA

IBIKURIKIRA URUP.1

Minisitiri Dr Nsanzimana yavuze ko hari iby'ingenzi Leta izakomeza gushyiramo imbaraga kugira ngo rushobore kuziba icyuho cy'inkunga zashyirwaga mu bijyanye no guhangana na Virusi itera Sida.

Ati: "Ni byo inkunga zaragabanyutse ariko tuzakomeza gushyiramo imbaraga nk'igihugu kuko kurwanya Sida si ibintu birangira, Sida ntiracika kandi abari ku miti ntabwo bayivaho, bayivuyeho byatera ibindi bibazo bikomeye kandi byari byaratanze umusaruro.

Nubwo inkunga zirimo kugabanyuka ku rwego mpuzamahanga natwe tugenda tureba ibyo dushyiramo ingufu nk'igihugu cyane cyane nk'ibyo by'imiti, gupima [...] iby'ingenzi cyane ntabwo bizahagarara kandi tubona ko n'uburyo bwo kurwanya Sida burimo gutera imbere."

Akomeza agira ati: "Iyo imiti igenda iba myiza kurushaho cyangwa ushobora kuyifata rimwe ikaba yakugirira akamaro igihe kirekire na byo biri hafi kuza, ibyo byose ni byo bizaba biganirwaho muri iyi nama mpuzamahanga yo kurwanya Sida."

Kuba abantu bagera ku 3 000 bitabira inama mpuzamahanga kandi ikabera mu Rwanda, Minisitiri w'Ubuzima avuga ko ari icyizere ku gihugu.

Ati: "Iyi nama ni yo nini cyane ku Isi mu bijyanye na Sida, kuba inama mpuzamahanga nk'iyi ibera mu Rwanda ntabwo ari ahantu henshi bashobora kwemera ko ihabera bitewe n'ibikorwa remezo, bitewe n'ibyo igihugu cyagezeho mu buryo butandukanye, rero ntabwo ari iby'ubuzima gusa, biba bijyana n'izindi nzego z'igihugu."

Minisitiri w'Ubuzimana Dr Nsanzimana agaragaza ko iki ari igihe cyo kugira amakenga kugira ngo umubiri umuntu afite uyu munsi awukomezanye kuko iyo awufashe nabi akiri urubyiruko ujya gusaza warabaye igisenzegeri.

# Rusizi: FPR Inkotanyi yubakiye uwarokotse Jenoside inzu ya miliyoni 18 Frw

IBIKURIKIRA URUP.1

Uwimana Théodore ufite umugore n'abana umunani akaba atuye mu Murenge wa Nzahaha, yashimye cyane Chairman w'Umuryango FPR- Inkotanyi Paul Kagame, n'abanyamuryango bongeye kumuha aho akinga umusaya.

Ati: "Nari maze umwaka urenga nsemberana abana, none mpawe inzu ishimishije n'ibikoresho byo mu nzu nari nkeneye, banampa ibiribwa mpabwa n'inka yo gukamirwa. Byose nkabishimira cyane Chairman Mukuru w'Umuryango wacu Paul Kagame, umpaye aho mba, nyuma yo kuturokora no kuduha umutekano."

Abanyamuryango ba FPR- Inkotanyi mu Murenge wa Nzahaha bavuga ko uretse kuba umuturage wabo yatujwe heza ndetse akanagabirwa inka, bishimira byinshi Umuryango wabagejejeho.

Nsabimana Gérard wo mu Kagari ka Nyenji, Umurenge wa Nzahaha, yavuze ko imibereho y'Umunyarwanda irushaho kuba myiza.

Ati: "Biriyongeraho ibindi nk'ibikorwa remezo byinshi mu Karere kacu, aho umuntu atacyiganyiriza gusura inshuti n'umuvandimwe uri kure kubera ko ingendo zorohejwe. Kuba abana bose biga n'imirimo igahangwa, urwaye akivuza neza n'ibindi, byose tubishimira Chairman wacu Mukuru, Intore Izirusha Intambwe, Perezida Paul Kagame."

Siborurema Timothée, Umuyobozi wa FPR- Inkotanyi mu Karere ka Rusizi, yavuze ko Uwimana Théodore n'umuryango we bari bamaze igihe bacumbikiwe n'Itorero ADEPR nyuma yo gusenyerwa n'ibiza.

Yavuze kandi ko uretse uwahawe inzu akanagabirwa inka, ku bufatanye n'Urugaga rw'Abagore rushamikiye ku muryango FPR- Inkotanyi, Irankunda Alexandre warokotse Jenoside wo mu Mudugudu wa Gishoma, Akagari ka Karenge, Umurenge wa Rwimbogo,yanahawe inka y'agaciro k'arenga 800 000 Frw.

Abandi baturage 15 bahawe ibiribwa by'agaciro k'amafaranga y'u Rwanda asaga ibihumbi 350, ku bufatanye n'Urugaga rw'Urubyiruko rushamikiye ku Muryango FPR- Inkotanyi.

Ati: "Ni gahunda abanyamuryango ba FPR Inkotanyi mu Karere ka Rusizi bihaye yo kureba aho tugeze dushyira mu bikorwa ibikubiye muri iyo Manifesto twahawe na Chairman Mukuru Paul Kagame muri iyi myaka 5, umwaka umwe urashize."

Avuga ko mu Karere ka Rusizi basanze bageze ku kigero cya 25% by'ibyo bagomba gukora nyuma y'umwaka umwe w'imyaka itanu bazakoramo, asaba abanyamuryango ba FPR- Inkotanyi gukomereza aho.

Igikorwa cyatangijwe kiramara ukwezi kose mu Mirenge yose igize aka Karere, hanaremerwa abatishoboye mu rwego rwo kuzamura imibereho yabo.


**Uwimana Théodore warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yashyikirijwe inzu yubakiwe n'abanyamuryango ba FPR- Inkotanyi banamuha inka**


**Guverineri Jean Bosco Ntibitura n'abandi banyamuryango ba FPR- Inkotanyi banahaye inka Irankunda Alexandre**

Muri ubu bukangurambaga bwahuje abanyamuryango ba FPR- Inkotanyi barenga 3000, hanatanzwe ikiganiro'Twihute mu iterambere, umuturage ku isonga'.

Hagarutswe ku mihanda y'ibilometero birenga 91 bizashyirwamo kaburimbo muri iyi myaka 5, kubungabunga indi mihanda y'ibilometero 136,1 hakazakorwa n'indi y'imigenderano y'ibilometero 110.

Bashimiye kandi ko hari icyambu cyubakwa ku kiyaga cya Kivu mu Mujyi wa Rusizi, imirimo ikaba igeze kuri 90%.

Guverineri akaba n'Umuyobozi wa FPR Inkotanyi mu Ntara y'Iburengerazuba Jean Bosco Ntibitura, yashimiye abanyamuryango b'Akarere ka Rusizi aho bageze bashyira mu bikorwa ibikubiye mu migabo n'imigambi ry'imyaka 5 ya FPR- Inkotanyi.

Ati: "Ibyakozwe byose byabaye umwanya mwiza wo gusuzuma intambwe dutera mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo Chairman Mukuru akanaba Perezida wa Repubulika Paul Kagame yemereye abaturage muri iyi manda y'imyaka 5 imaze kuvaho umwe. Twashimye abanyamuryango b'Akarere ka Rusizi aho bageze, tubasaba gukomereza aho kuko intambwe bateye ishimishije."

Yavuze ko muri rusange Intara y'Iburengerazuba itazategereza umwaka wa nyuma ngo abe ariho bakora ibikorwa byinshi.

# U Rwanda rwahagarariwe mu imurikabikorwa ry'ubwiko-rezi bwo mu kirere mu mijyi

NTAWITONDA Jean Claude

***Ambasade y'u Rwanda muri Korea y'Epfo, yatangaje ko yatewe ishema no guhagararira u Rwanda mu imurikabikorwa mpuzamahanga ry'ubwikorezi bwo mu kirere bukoresha ikoranabuahanga rigezweho mu mijyi**.*

Iryo murikabikorwa ribaye ku nshuro ya 12 ribera mu Ntara ya Jeju guhera ku wa Gatatu tariki ya 9 Nyakanga kugeza ku wa Gatandatu tariki ya 12 Nyakanga 2025.

Ni imurikabikorwa ririmo ibinyabiziga bitandukanye bikoresha amashanyarazi byifashishwa mu nzego zitandukanye uhereye ku bwikorezi bw'abantu n'ibintu, mu buhinzi, mu buzima, mu bucuruzi n'ibindi.

Gusa haranamurikirwa ibikorwa bigamoje kurushaho kwimika ubwikorezi bw'abantu n'ibintu bwo mu kirere bwifashisha indege nto zitwara mu mijyi buzwi nka Urban Air Mobility (UAM).

Ambasade y'u Rwanda muri Korea y'Epfo yashimiuye Guverineri w'Intara ya Jejo Oh Young-hun n'abateguye iryo murikabikorwa kubwo kwakirana urugwiro intumwa z'u Rwanda no kubaha amahirwe yo kumurika intambwe rukomeje gutera mu kwimakaza ubwikorezi bwo mu kirere bukorwa n'indege nto zitagira abapilote.

Nanone kandi u Rwanda rwagaragaje Politiki y'Igihugu yo kurushaho guteza imbere ubwikorezi bwukoresha amashanyarazi n'ubukoresha ikoranabuhanga rigezweho, ingamba zafashwe n'imigambi iri imbere ndetse no kwiyemeza gushyira mu bikorwa ahazaza mu kwimakaza ibidukikije.

Ubutumwa bwatanzwe n'Ambasade y'u Rwanda bugira buti: "Tubikuye ku mutima turabahimira kuba mwaduhaye amahirwe yo gukorana na mwe mu kwihutisha iterambere ry'ubwikorezi bwifashisha ikoranabuhanga, gukoresha ingufu zitangiza ibidukikije n'iterambere ry'uruhererekane rw'imikoreshereze y'ingufu zikomoka ku mazi.

Ibiganiro byibanzweho cyane muri iryo murikampuzamahanga ni ukureba uko ubwikorezi bukorwa mu mijyi bwava ku modoka zikoresha amashanayarazi bukagera ku ndege nto zitwara abagenzi n'imizigo mu mijyi Urban Air Mobility (UAM).

U Rwanda rwakomoje by'umwihariko ku bunararibonye rufite mu kwifashisha indege nto zitagira abapilote mu buhinzi, mu buvuzi no mu guhzranira umutekano wo mu muhanda, ndetse runashimangira uruhare rw'indege nto zitagira abapilote mu gufasha mu gutwara abantu n'ibintu.

Nanone kandi u Rwanda rwashimangiye agaciro ko kwimukira ku gukoresha ingufu zitangiza ibidukikije, by'umwihariko mu rwego rwo gutwara umuzigo.

Iri murikabikorwa ryateguwe ku bufatanye bw'Ubuyobozi bw'iryomurikabikorwan'Ihuriro Mpuzamahanga ry'Abakora Imodoka zikoresha amashanyarazi (GEAN) ihurije hamwe abitabiriye baturutse mu bihugu bisaga 50 n'ibigo bimurika bisaga 150 byo muri Korea no mu bice bitandukanye.


Biteganyijwe ko hari n'inama zihariye zigera kuri 30 zizabera muri iri murikabikorwa hagamijwe kurushaho gutanga ubumenyi n'ubunararibonye ku ikoranabuhanga rigezweho na Politiki zigamije kubaka inganda zigezweho harimo n'izikora ibinyabiziga bikoresha amashanyarazi, za batiri, ibinyabiziga byitwara birimo n'ibikora mu mujyi ndrtse n'amato akoresha amasnyarazi.

Umuyobozi wa Komite yateguye iri murikabikorwa Kim Dae-hwan, yavuze ko iro murika ari urubuga rurenga kugaragaza ikoranabuhanga rigezweho ahubwo rikagera ku guhindura Politiki, umuco no kwigisha urubyiruko.

Ati: "Tugamije kugera ku hazaza h'urwego rw'ubwikorezi rwifashisha ikoranabuhanga rugezweho, duhangana n'ingorane z'ibyuka byoherezwa mu kirere no guharanira impinduka mu ikoranabuhanga rigezweho."



Indege nto zitagira abapilote zitwara abagenzi ni uburyo bushya bw'ubwikorezi bugezweho mu mijyi



Perezida Paul Kagame yagiranye ibiganiro na Uhuru Kenyatta wabaye Perezida wa Kenya

# Perezida Kagame yakiriye Uhuru Kenyatta wayoboye Kenya

NYIRANEZA Judith

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yakiriye Uhuru Kenyatta wabaye Perezida wa Kenya, akaba ari n'umwe mu bahuza bagenwe n'Imiryango ya EAC na SADC mu kugarura amahoro mu Burasirazuba bwa Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo, DRC.***

Ku gicamunsi cyo ku wa Gatanu tariki ya 11 Nyakanga 2025, ni bwo bagiranye ibiganiro byibanze ku mbaraga zikomeje gukoreshwa mu kugera ku mahoro arambye muri Congo no gukemura ibitera ibi bibazo bihereye mu mizi.

Kenyatta ari mu bahuza batanu bashyizweho na EAC na SADC kugira ngo bagire uruhare mu gukemura ikibazo cy'intambara zimaze igihe mu Burasirazuba bwa Congo.

Abandi ni Olusegun Obasanjo wayoboye Nigeria, Catherine Samba Panza wayoboye Repubulika ya Centrafrique, Kgalema Motlanthe wayoboye Afurika y'Epfo na Sahle-Work Zewde wayoboye Ethiopia.

Perezida Kagame yari aherutse kwakira Olusegun Obasanjo wahoze ari Perezida wa Nigeria bagirana ibiganiro byibanze ku bibazo by'umutekano biri mu karere, ku rwego rw'Afurika ndetse no ku rwego mpuzamahanga.

U Rwanda na Kenya ni ibihugu bisanzwe bifitanye umubano mu nzego zitandukanye.

Perezida Uhuru Kenyatta yahaye u Rwanda ubutaka bungana na hegitali enye mu cyanya cyahariwe Inganda cya Naivasha.

Ubwo butaka ni ububiko bwo kwifashishwa n'u Rwanda gutwara ibicuruzwa bivanywe ku cyambu cya Mombasa bigana i Kigali.

Mu 2022, Perezida Uhuru Kenyatta ni umwe mu Bakuru b'Ibihugu bitabiriye Inama y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma zigize Commonwealth (CHOGM2022).

Uhuru Muigai Kenyatta yabaye Perezida wa kane, wayoboye Kenya kuva mu 2013 kugeza mu 2022.







U Rwanda rwatanze inkunga igamije gufasha abaturage bo muri Gaza

# U Rwanda rwahaye Abanya-Gaza izindi toni 40 z'ibiribwa

SHEMA Ivan

***U Rwanda rwatanze toni 40 z'ibiribwa n'ibikoresho byifashishwa mu buvuzi ku baturage bo muri Gaza nyuma y'imyaka Ibiri ako gace kibasiwe n'intambara.***

Ni ku nshuro ya Kane u Rwanda rutanze inkunga ku banya-Palestine kuva mu 2023, kuko bwa mbere byari byakozwe mu Ukwakira, inshuro ya kabiri bikorwa mu Ugushyingo 2024, Iya gatatu bikorwa mu Gicurasi uyu mwaka.

Iyi nkunga yatanzwe binyuze mu Muryango w'abagiraneza, Jordan Hashemite Charity Organization. Yanyujijwe muri Jordanie, igihugu gihana imbibi na Palestine, kinacumbikiye benshi mu banya-Palestine.

Umwaka wa mbere u Rwanda rwari rwatanze toni 16 z'inkunga y'ibiribwa, ibinyobwa n'imiti. Iya kabiri hatanzwe toni 19 z'ibiribwa (birimo ibigenewe abana), imiti n'ibikoresho byo kwa muganga,

Ni mu gihe inshuro ya gatatu iheruka rwari rwatanze toni 20 zirimo z'ibiribwa n'ibikoresho byifashishwa mu buvuzi.

Kuva intambara yatangira hagati ya Israyeli na Hamas mu 2023, imaze guhitana abasaga ibihumbi 55.

# Gen (Rtd) Kabarebe n'Umuyobozi wa ICRC baganiriye ku butabazi mu Karere

ZIGAMA Theoneste

***Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ubutwererane bw'Akarere muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga, Gen (Rtd) Kabarebe James yakiriye Kedir Awol Omar, Umuyobozi mushya w'Umuryango Mpuzamahanga utabara imbabare (ICRC) ushinzwe u Rwanda, Uganda n'u Burundi.***

Ku wa Gatatu tariki ya 9 Nyakanga 2025, ni bwo abo bayobozi bombi bagiranye ibiganiro ku bibazo by'ubutabazi n'imibereho y'abaturage mu Karere k'Ibiyaga Bigari.



Aba bayobozi bombi bagiranye ibiganiro ku bibazo by'ubutabazi n'imibereho y'abaturage mu Karere k'Ibiyaga Bigari

Umuryango wa Croix-Rouge y'u Rwanda, washinzwe muri Nyakanga 1962 i Kigali, mu Rwanda.

Ku wa 8 Ukwakira 1982, u Rwanda rwabaye igihugu cya 130 cyinjiye mu Muryango Mpuzamahanga utabara imbabare wahoze witwa Croix-Rouge (ICRC).

Umwaka wakurikiyeho, ku wa 8 Ukwakira 1983, u Rwanda rwabaye umunyamuryango w'Ishyirahamwe Mpuzamahanga rya Croix-Rouge (International Federation of the Red Cross - IFRC).

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ibikorwa bya Croix-Rouge y'u Rwanda byarahungabanye cyane.

Mu 1995, Croix-Rouge y'u Rwanda yabashije kongera gusubukura ibikorwa byayo ifashijwe n'indi miryango ya Croix-Rouge ku Isi.

Mu 2008, hashyizweho Inama y'Urubyiruko. Ibi byari impinduka ikomeye mu mikorere ya Croix-Rouge y'u Rwanda kuko urubyiruko rwatangiye kugira uruhare ku nzego zitandukanye, harimo gutangiza imishinga, kwigisha, gushyira mu bikorwa ibikorwa bitandukanye, ndetse no gufata ibyemezo ku nzego nto n'izisumbuyeho.

Mu mwaka wa 2024, mu Rwanda uwo muryanga wahaye amahugurwa abari mu Ngabo z'u Rwanda (RDF), Polisi y'u Rwanda (RNP), Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) n'Urwego rushinzwe Igorora (RCS) bagera ku 3.821, mbere yo koherezwa mu butumwa bw'amahoro.

B ahawe ibiganiro by'inyigisho zitandukanye, ndetse n'inama zo ku rwego mpuzamahanga n'izo mu gihugu ku kubahiriza amategeko mpuzamahanga arengera umuntu, mu gihe cy'intambara (IHL) n'ay'uburenganzira bwa muntu (IHRL) mu bikorwa byabo byo kubungabunga amahoro.

# U Rwanda na Azerbaijan baganiriye ku mahirwe y'ubucuruzi n'ishoramari

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda n'iya Azerbaijan bakomeje ibiganiro bigamije kwagura ubucuruzi n'ishoramari nk'uko byashimangiwe mu nama yahuje abayobozi b'impande zombi ku cyiciaro cy'Ikigo cya Azerbaijan gishinzwe guteza imbere Ibyoherezwa mu mahanga n'Ishoramari (AZPROMO).***



Guverinoma y'u Rwanda n'iya Azerbaijan bakomeje ibiganiro bigamije kwagura ubucuruzi n'ishoramari

Ibitangazamakuru byo muri icyo gihugu bitangaza ko muri ibyo biganiro u Rwanda rwari ruhagarariwe na Ambasaderi w'u Rwanda muri Azerbaijan Charles Kayonga.

Impande zombi zunguranye ibitekerezo ku ngamba zafasha kongera ubutwererane mu nzego zinyuranye, zirimo n'ubwo bucuruzi buhererekanywa mu bihugu byombi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'ubukerarugendo.

Iyo nama kandi yanagarutse ku musanzu wa Azerbaijan nk'ihuriro ry'inzira zihuza Afurika n'Aziya ndetse n'u Burayi, bishobora gufasha kwagura ibyo rwoherezwa ku masoko mpuzamahanga.

Mu mwaka wa 2004 ni bwo u Rwanda na Azerbaijan byatangije umubano mu bya dipolomasi, ibihugu byombi bikaba bikomeje gusuzuma inzego zo kwaguriramo ubutwererane nk'igisirikare n'umuturage.

Kubyaza umusaruro ubutwererane bw'ibihugu byombi biracyari bishya, aho u Rwanda ruhagarariwe n'Ambasaderi ufite icyicaro i Ankara muri Turikiya ari na we ushyira imbaraga mu kwimakaza ibiganiro bigamije kugera ku masezerano y'ubukungu.

Kugeza uyu munsi ibihugu byombi byashyize umukono ku masezerano ajyanye no kwimakaza ubutwererane bwa Politiki ndetse no gukuriraho viza abatunze pasiporo za serivisi n'iza dipolomasi.

Nanone kandi imikoranire y'ibihugu byombi inadukira mu butwererane bahuriramo mu Miryango Mpuzamahanga nka Loni, Umuryango Non-Aligned Movement (NAM) n'indi itandukanye.

Ambasaderi Charles Kayonga yatanze impapuro zo guhagararira u Rwanda i Baku mu mwaka wa 2019, ariko nubwo umubano utanga inyungu ukiri mushya ariko ibiganiro bikomeje byitezweho gufasha inzego za Leta n'iz'abikorera.



**Niyonagize Adeline yakoze ikizamini ari ku gitanga cy'ibitaro**

# Umunyeshuri wakoze impanuka yakoreye ibizamini bya Leta mu Bitaro

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Adeline Niyonagize, urimo gusoza icyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, yakoze ibizamini bya Leta ari mu bihe bidasanzwe kuko agifite imvune n'ibikomere byatewe n'impanuka yatumye akaguru bagashyiraho sima.***

Uyu munyeshuri w'imyaka 20 y'amavuko wiga Ubukerarugendo ku Rwunge rw'Amashuri rw Mutenderi, yasangishijwe impapuro z'ibizamini bya Leta aho aryamye mu Bitaro Bikuru bya Kibungo.

Amafoto yafashwe n'abageze ku gitanda cy'ibitaro aho yifashishije umusego nk'ameza kugira ngo yandike, yagaragazaga umuhate nk'uw'abandi bose batangiye ibizaminj bya Leta guhera kuri uyu wa Gatatu tariki ya 9 Nyakanga.

Abantu bakomeje kubona amaforo y'uyu mukobwa acaracara, baramushimira ukwiyemeza yagaragaje atitaye ku bibazo afite ngo bibe byamubera inzitizi zo kugaragaza ibyo yize.

Umukozi ushinzwe Uburezi mu Karere Alexandre Tuyishime, yahamije ko abayobozi bashyizeho ingamba zidasanzwe kugira ngo Niyonagize akore ibizamini atekanye nk'abandi.

Ati: "Ubwo ibizamini byari byegereje Niyonagize yakoze impanuka bisaba ko ajyanwa mu Bitaro bya Gahinj. Nyuma byaje kwanzurwa ko yoherezwa mu Bitaro Bikuru bya Kibungo kugira ngo tubone uko tumufasha kandi tunakurikirane uko akorera ibizamini hano."

Mu Karere ka Ngoma, ibizamini bya Leta byatangirijwe muri IPRC Ngoma ari na ho hari santeri y'ibizamini ku rwego rw'Akarere.

Ubuyobozi bwemeje ko Niyonagize yasubije ibibazo nta mbogamizi ahuye na zo, kandi ibyo yasubije birahita bishyikirizwa kuri site imwegereye n'inzego zibishinzwe.

Ku rwego rw'Igihugu, abanyeshuri basaga 255.000 barimo gusoza icyiciro cya mbere n'icya kabiri cy'amashuri yisumbuye ni bo bakoze ibizamini harimo n'abiga mu mashuri nderabarezi.

Mu Karere ka Ngoma konyine abakandida 6.941 barimo 1.340 bo mu cyiciro cya mbere na 4.128 bo mu cya kabiri, 1.062 bo mu mashuri nderabarezi na 411 biga amasomo adasanzwe yihariye.

Biteganywa ko ibyo bizamini bya Leta bizakorwa kugeza ku ya 18 Nyakanga 2025.

# U Rwanda rwasabye ibihugu by'Afurika kwagurira inzira abacuruza ikawa n'icyayi

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko abari mu nzego zifata ibyemezo mu bihugu by'Afurika bakwiye gushyiraho uburyo bwose bwo korohereza abacuruza n'abatunganya ikawa n'icyayi kugira ngo ibyo bihingwa bitange umusaruro ufatika.***

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Rwigamba Eric yabigarutseho ku wa Mbere tariki ya 7 Nyakanga 2025, ubwo hatangizwa imurikagurisha ry'iminsi 2, ry'ikawa n'icyayi muri Afurika.

Ni imurikagurisha ribaye bwa mbere ruhuriyemo abacuruzi, abahinga ikawa, abacuruzi babyo n'abandi babitandukanye, ryiteweho kuba umwanya mwiza wo kungurana ibitekerezo ku buryo ibyo bihingwa byarushaho gutanga umusaruro.

Ryitabiriwe n'abaturutse mu bihugu by'u Buhinde, Ghana, Afurika y'Epfo, mu Rwanda n'ahandi, barimo abatunganya umusaruro w'ikawa n'icyayi, abakora imiti yica ibyonnyi by'ibyo bihingwa bakaba bitezweho kungurana ibitekerezo mu guteza imbere uru rwego.

Rwigamba Eric, yagize ati: "Umuhinzi w'icyayi cyangwa ikawa uri i Nyamasheke mu Rwanda, Uganda cyangwa uri i Nairobi mu Kenya, ukora politiki nayikore ariko ntibigire imbogamizi ku bikorwa n'uwo muhinzi cyangwa umucuruzi.

Abashyiraho amategeko barahari, turimo kuganira ngo abakora politiki bayikore ariko ntibigire imbogamizi mu kubuza amahirwe yo kugurisha ibikomoka ku ikawa n'icyayi."

Yaba abahinga n'abatunganya ikawa n'icyayi mu Rwanda no mu mahanga bavuga ko biteze inyungu kuri iyi nama.

Mukabutare Marie, Umuyobozi wa Koperative Gashonga y'abagore bahinga ikawa, yavuze ko kumurika ibyo bakora muri iryo murikagurisha bigiye kubagirira akamaro gukomeye.

Ati: "Iri murikagurisha tuyitezeho kumurika ibyo dukora, kuko tuzaba twashoboye kubona abakiliya bo hanze y'igihugu. Iyo tumaze gusarura dushaka n'abaguzi, muri iri murikagurisha twitezamo kumenya kubungabunga ibidukikije mu buhinzi bwacu."

Micheal utunganya ikawa muri Ghana, na we waje kumurika mu Rwanda yagaragaje ko iryo murikagurisha rizamufasha kumenyakanisha ikawa ihingwa mu gihugu cye.

Yavuze ko mbere yo kuza mu Rwanda yari afite amakuru ko haba ikawa nziza bityo ko agiye gukora urugendo shuri mu buhinzi bwazo n'uko itunganywa kugira ngo bizamufashe kuryoshya iy'iwabo.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB) gitangaza ko mu mwaka wa 2023/2024, u Rwanda rwohereje mu mahanga ibilo 38 467 710, byinjiriza u Rwanda amafaranga y'u Rwanda asaga miriliyari 165 z'amafaranga y'u Rwanda (angana na miliyoni zisaga 114 z'amadolari y'Amerika).

Ni mu gihe ikawa yohereje yanaganaga n'ibilo 16 478 586 byinjiriza u Rwanda amafaranga asaga miliyari 113 (asaga miliyoni 78 z'amadolari y'Amerika).




**Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Rwigamba Eric**





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Ntukabe umutwaro ku gihugu ubyikururiye*

*Urubyiruko rw'u Rwanda rufite imyumvire inyuranye kuri virusi itera SIDA, aho usanga ububi bwayo butagihabwa uburemere bukwiriye. Hari ubwo bitagitungurana kumva bamwe bavuga bati, 'aho gutwara inda nakwandura SIDA, abandi bati SIDA yaracitse' n'ibindi byinshi.*

*Ubumenyi buke ku bubi bwa Virusi itera SIDA n'amakuru adahagije bagira ku ngaruka zo kutirinda, bikajyana no kuba abenshi mu rubyiruko basigaye babona amakuru ku mbuga nkoranyambaga atandukanye n'ayo bakabaye bahabwa n'abaganga b'inzobere.*

*Ibyo bituma Virusi itera SIDA ikomeza kuba umutwaro ukomeye, atari ku rubyiruko rw'u Rwanda gusa ahubwo kikaba ari ikibazo gihangayikishije Isi muri rusange, aho usanga abakiri bato bugarijwe cyane.*

*Minisitiri w'Ubuzima Dr. Nsanzimna Sabin, avuga ko nta muntu ukwiye kwirara kuko SIDA igihari kandi inzira imwe yo guca ukubiri na yo ari ukwifata abo binaniye bagakoresha agakingirizo.*

*Nubwo hari abashobora kubyumva nk'imbwirwaruhame gusa, ariko indwara itarabonerwa umuti n'urukingo ku buryo yavurwa, ikwiye kubonwa nk'ikibazo cy'ubuzima n'urupfu, kandi ufiyite iyo atagize imyitwarire mizima ashyira ubuzima bw'abandi mu kaga.*

*Uretse kunywa imiti ubuzima bwawe bwose, nta yandi mahitamo waba ufite mu gihe wanze kwifata ndetse ntunakoreshe ubundi buryo bwo kwirinda, bivuze ngo hari ingengo y'imari ikugendaho buri mwaka yakabaye ikora ibindi.*

*Uretse kuba umutwaro mu birebana n'ubushobozi bwiyongera kugira ngo ubeho, ubuzima bwawe bukenera indi myitwarire ikenera kugira disipulini n'ubushobozi bwo kwiyitaho kugira ubudahangarwa buhoraho kuko indwara yose yagufata waranduye visuri itera SIDA yakunesha.*

*Mu gihe Guverinoma y'u Rwanda ikomeje gushyira imbaraga mu gushaka ibisubizo bifasha kwirinda ku bananiwe kwifata, birakwiye ko urubyiruko rumenya ko Igihugu kirutegerejeho byinshi birusaba kwirinda kwishima by'akanya gato rugatakaza ubuzima bwose.*

# U Rwanda rwitabiriye Inama ya AU yiga ku kwihuza kw'Afurika

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ku wa Kane tariki ya 10 Nyakanga 2025, u Rwanda rwahagarariwe mu Nama Isanzwe ya 47 imara iminsi ibiri, y'Akanama Nshingwabikorwa k'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU), isuzuma urugendo rwo kwihuza kw'Afurika no gusuzuma raporo zivuga ku Isoko Rusange ry'Afurika.***

Ni inama igaruka no ku gusuzuma urugendo rw'ishyirwa mu bikorwa ry'insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti, "Ubutabera ku Banyafurika n'abantu bakomoka muri Afurika binyuze mu gusana ibyangiritse."

U Rwanda ruhagarariwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patick Nduhungirehe, ikaba yanitabiriwe na Amb. Claver Gatete wungirije Umunyamabanga Mukuru wa Loni akaba n'Umuyobozi wa Komisiyo y'Ubukungu y'Umuryango w'Abibumbye muri Afurika (ECA).

Iyo nama yateguwe n'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU) iteraniye i Malabo muri Guinea Equatorial nk'igihugu cyagize uruhare mu gutegura imigendekere myiza yayo.

Muri Mutarama 2017, Abakuru b'Ibihugu bigize AU bafashe imyanzuro irimo guharanira isaranganywa ry'imirimo riboneye ndetse n'ubufatanye buzima hagati ya AU, Imiryango y'Ubukungu y'Uturere (RECs), Inzego z'ubuhuzabikorwa mu Turere (RMs) ndetse n'ibihugu mu guhuza amahame yo kunganirana.

Aho gukora inama zari zimenyerewe buri gihe cy'umwaka ugeze hagati, Biuro y'Inteko Rusange ya AU itumiza inama mpuzabikorwa n'Imiryango y'Ubukungu, hakazamo abayobozi bayo, aba Komisiyo ya AU (AUC) n'abahagarariye inzego mpuzabikorwa.

Amb Claver Gatete, mu muhango wo gutangiza iyo nama, yavuze ko izamuka ry'ubukungu bw'Afurika rikiri munsi y'uko byahoze mbere y'icyorezo cya COVID-19 kuko ryageze kuri 3.3% mu 2024 mu gihe mbere y'icyorezo cyari kuri 3.8%.

Yanagaragaje ko inyungu itangwa ku nguzanyo igera kuri miliyari 90 z'amadolari y'Amerika buri mwaka bigasigira ibihugu by'Afurika amahirwe make yo kubona ubushobozi buhagije bwo gushora mu bikorwa remezo by'ingenzi no muri serivisi zigenewe abaturage.

Amb. Gatete yavuze ko nubwo hari ibibazo by'imari ku Isi yose, umugabane w'Afurika ufite imfunguzo ku hazaza hawo.

Ati: "Afurika ifite abaturage benshi b'uburyiruko, abashobora gukoresha ibyo dukora, amahirwe y'umutungo kamere utarabyazwa umusaruro, ndetse n'Isoko Rusange ry'Afurika ritanga amahirwe atarakorwaho bihagije. Ni yo mpamvu omisiyo y'Ubukungu yashyiriweho Afurika yemeza ko ubucuruzi n'ishoramari ari moteri ebyiri z'iterambere ridaheza, guhanga imirimo no gukusanya ubushobozi hagati yacu."

Yagaragaje ibintu bitanu bikwiye gukorwaho byihutirwa, ahereye ku gushyira mu bikorwa ibituma isoko rusange ry'Afurika rikora.

Yavuze ko iryo soko ari ryo ritanga amahirwe menshi yo kongera kuvugurura ubukungu bw'ibihugu by'Afurika, ati: "Kugeza mu 2045, Isoko Rusange ry'Afurika ritegerejweho kuzaba ryarongereye ubucuruzi bukorwa hagati y'ibihugu by'Afurika ku kigero cya 45%, ari na ko ryongera ubukungu ku kigero cya 60% mu bihingwa bitanga ibiribwa, 48% mu nganda, 34% muri serivisi na 28% mu ngufu n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro."

Yavuze ko kugira ngo ibyo bigerweho hakenewe ko amasezerano y'ubucuruzi ashyiraho iryo soko atahera miu nyandiko gusa, yemeza ko Komisiyo y'Ubukungu yashyiriweho Afurika (ECA) yiteguye gushyigikira ibihugu by'Afurika kugira ngo bishyire mu bikorwa Isoko Rusange ry'Afurika.

Yavuze kandi ko ikintu cya kabiri gikwiye gushyirwa mu bikorwa ari ukongera ishoramari hagakurwaho n'imyumvire yamunze amahanga ko gushora imari muri Afurika ari ukuyiroha kuko hari amahirwe menshi uwayabonye adashobora kwihanganira kuyirengagiza.

Ati: "Afurika ntabwo ifite ibibazo byo kutagira amahirwe ahubwo irembejwe no kubura icyizere cy'uburyo ayo mahorwe agenzurwa. Ntibikwiye ko nyuma y'imyaka 60 y'ubwigenge, dufite ibihugu bibiri gusa biri ku rwego rwiza rwo korohereza ishoramari ku mugabane wose."

Icya gatatu yavuze ko hakwiye kubakwa uruhererekane rw'iterambere no kubyaza umusaruro ufatika ibyanya by'ubukungu, aho kuri ubu hateganywa kubakwa ibyanya by'ubukungu bisaga 200 ku mugabane wose.

Ikindi kandi yashimangiye ni ukwinjiza ikoranabuhanga mu buryo bwo gukusanya imisoro no gufasha ubucuruzi butanditse kwandikwa.

Icyanyuma yakomojeho ni uguharanira kubaka ubukungu bufite ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ikirere bikajyana no kwihutisha iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza.

Aha yagaragaje ko mu gihe Afurika igira uruhare rungana na 4% y'ibyuka bihumanga ikirere, ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere kuri yo zigera kuri 5% by'umusaruro mbumbe (GDP).



**Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier J.P. Nduhungirehe yahagarariye u Rwanda**



Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Domitilla Mukantaganzwa yibukije abarahiye ko bagomba gukurikiza amategeko

# Amategeko dukwiye kuyavugisha icyo avuga- Mukantaganzwa

**KAMALIZA Agnes**

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Domitilla Mukantaganzwa, yakiriye indahiro z'abakozi 53 b'inkiko zitandukanye bagiye gutangira imirimo mishya abasaba gukoresha amategeko icyo avuga.***

Ni ibyagarutsweho ku wa Gatanu, tariki ya 11 Nyakanga 2025 ubwo yakiraga izo ndahiro nyuma yo kwemezwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza yateranye tariki ya 27 Kamena 2025.

Perezida Mukantaganzwa yabibukije ko inshingano zabo zigendera ku mategeko kandi uko buri umwe yumva itegeko bitagomba gutandukana nuko undi abyumva.

Yagaragaje ko umucamanza aca urubanza mu izina ry'urukiko no mu izina ry'abaturage ari yo mpamvu agomba kugisha inama mu gihe yakumva agiye gutegwa.

Yagize ati: "Amategeko dukwiye kuyavugisha icyo avuga. Iyo umuntu aca urubanza uruca mu izina ry'abaturage ariko ukanaruca nk'urukiko ntabwo uvuga ngo njye kanaka ndemeje. Icyo kintu mujye mukizirikana kibahe imbaraga, niwumva ugiye gutegwa ugishe inama bagenzi bawe ariko ntuzicare mu bintu utumva ngo wihanukire ufate umwanzuro udakwiye ngo itegeko urivugishe icyo ritavuga."

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Mukantaganzwa yababwiye ko indahiro atari umuhango ahubwo ari igihango bagiranye n'Igihugu.

Yabasabye kurangwa n'ubunyangamugayo bakirinda ruswa yaba iy'amafaranga, ikimenyane, n'izindi izo ari zo zose ndetse mu gihe babona bagiye kugwa mu mutego w'ikimenyane bagasaba kuvanwa muri urwo rubanza kugira ngo hatangwe ubutabera butabogamye.

Yavuze ko ikibaraje inshinga ari ukuzamura icyizere Abanyarwanda bagirira urwego rw'ubucamanza, bakora kinyamwuga.

Ati: "Mujya mubibona iyo Inama Nkuru y'Ubucamanza yateranye ko hari abo twirukana kubera ruswa, ariko buriya ntibirukanwa gusa baranakurikiranwa mu butabera bagahanwa. Urwo ni urugamba turiho kandi mwiyemeje ko muza tukarufatanya."

Yabibukije ko kuza muri ako kazi bakarimo kuko bagahisemo bityo bagomba kugakora neza ntacyo bimye igihugu.

Yabasezeranyije ubufatanye ndetse abasaba kutagira ipfunwe ryo kubaza igihe hari ibyo badasobanukiwe kugira ngo akazi kanoge.

# Bize bandikisha ibyatsi n'amakara; inzira y'inzitane y'urubyiruko rwabohoye u Rwanda

**KAYITARE Jean Paul**

***Izina Tito Rutaremara rirazwi cyane muri poltiki y'u Rwanda by'umwihariko ryumvikanye cyane mu gihe cy'amasezerano ya Arusha hagati ya Leta ya Habyarimana Juvenal n'Umuryango FPR-Inkotanyi mu myaka ya 1991.***

Rutaremara wavuze ku rugendo rwo kwibohora, yahishuye ko rwahereye ku guhuriza hamwe abana batangira kubigisha, bandika ku kibero abakobwa bo bagasabwa kutisiga amavuta kugira ngo babone uko bandika, kandi bakandikisha ibyatsi.

Uko iminsi yashiraga ni ko baje gukoresha imbyiro ndetse n'imyumbati kugira ngo bashobore kwandika kuko nta buryo bwari buhari mu gihe bari mpunzi mu gihugu cya Uganda.

Yabigarutseho mu kiganiro 'Password' cyagarukaga ku rubyiruko mu kwibohora no gukunda Igihugu cyatambutse kuri Televiziyo Rwanda.

Yahunze ubwo Abatutsi bameneshwaga mu gihugu, baratwikirwa abandi ari ko bicwa hirya no hino mu Rwanda.

Ibi byabaye Rutaremara yiga muri Collège St Andrée i Nyamirambo mu mwaka wa Kabiri w'amashuri yisumbuye.

Icyo gihe impunzi ntizafashwaga cyane ahubwo zafashwaga amezi atatu ubundi zigasigara zirwanaho.

Ni akarengane avuga ko yagiyemo ari muto, cyane ko ababyeyi be bo bari barahungiye muri Uganda, ari na ho yagiye abasanga ubwo yahungaga aturutse ku ishuri aho yigaga.

Akomeza agira ati: "Ntabwo byari byoroshye kugira ngo tujye mu mashuri kuko twamaze imyaka itanu turi aho ngaho."

Mu buzima bw'ubuhunzi, batangiye gutekereza kugaruka mu Rwanda, bakibaza niba abana bazagaruka mu gihugu batazi gusoma no kwandika.

Barihuje batangira kwigisha abana gusoma no kwandika, ibyo bigakorwa n'abari bavuye mu Rwanda hari aho bari bageze amashuri bityo bakigisha abatazi gusoma.

Ati: "Kuko tutagiraga ibintu, ugasanga abana barandika n'akatsi ku kibero, tukabwira abakobwa ngo batisigaho amavuta kuko iyo wasigagaho amavuta ntabwo wari kwandikaho ngo bigaragare."

Akomeza avuga ati: "Twafataga imbyiro tukazisiga ahantu hanyuma tukandikisha imyumbati kugira ngo bigaragare. Nyuma y'imyaka nk'itanu abantu batangira gushaka uko amashuri yaboneka."

Mu nzira yo kubohora igihugu, Rutaremara avuga ko Inyenzi zabanje kugerageza urugamba kugira ngo zirebe uko zarwana zitahe.

Byageze mu 1967 ziratsindwa, kubera impamvu zo kutagira umurongo wa Politiki.

Ati: "Bumvaga ko Loni izabafasha, ibihugu nk'u Burusiya, u Bushinwa n'ibindi bihugu bya Afurika bizabafasha, ukumva badafite igitekerezo ko bagomba kwitwara n'ibindi."

Habayeho kugerageza abantu bashaka amashuri hirya no hino, hari abari barahunze barize, amashuri araboneka bariga ariko biga ari bake.

Hari impunzi zari hirya no hino ku Isi zaragiye gushakisha imibereho, bigeza igihe impunzi z'Abanyarwanda abantu barazibagirwa, ari muri Loni ntibazivuge, ari muri Afurika ntizivugwe, muri make ngo izo mpunzi zari zaribagiranye.

Batangiye gutekereza ku byabo, ni bwo batangiye kubyina, guca imigani, gutarama nyuma bibaza ku maherezo yabo.

Batangije amatsinda (Group) muri Kenya no muri Uganda, nk'i Burundi ho habarizwaga amatsinda agera kuri atatu, mu Bubiligi, mu Budage no muri Amerika, iyamenyekanye ni iyo mu 1978 yashyizeho gahunda yo gukorera hamwe, ni iyari i Nairobi na Uganda.

Ati: "Yitwaga RANU ni ho twatangiriye ahongaho, bamwe nka ba Fred Gisa [Rwigema] bajyana na ba Museveni Mozambique n'abandi Banyarwanda bari bahari ndetse na Uganda aho iziye kurwana abari bari muri RANU binjiramo kugira ngo bafashe kubohora Uganda ariko bazanabafashe.

Mu 1987 hari kuri Noheri, ni ho twateraniye hamwe kuva mu 1986 tubitegura, tuvuga tuti twakora iki, dukore iki, twifatanye dute, njye nari mvuye n'i Burayi ariko dufatanyije na ba Fred na Perezida uyunguyu turi kumwe bari ku rugamba, ubwo ni bwo hagiyeho RPF dushinga inzego zayo."

Abakada batangiye kujya hirya no hino kwigisha no gukora ubukangurambaga, mu 1990 ni bwo batangije urugamba rwo kubohora igihugu.

Mu gutangira urugamba rwo kubohora Igihugu habayeho ingorane ikomeye yo gupfusha abayobozi b'ingabo.

Ati: "Tugitangira twagize ingorane harimo abayobozi bacu bapfuye, Fred Gisa.

Icyo gihe aho Perezida aziye arayitegura ashyira ku murongo abasirikare ndetse na RPF ijya hamwe noneho kugira ngo twese dukore intego, tujya inyuma y'urugamba.

KOMEZA KU RUP.9





# Bize bandikisha ibyatsi n'amakara; inzira y'inzitane y'urubyiruko rwabohoye u Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.8

Urugamba ruba rumwe, wenda umukecuru ufite ifaranga akariha umukada akajya kugura ibikoresho byose, yaba ibyo kurya, yaba imiti akabishyikiriza abasirikare cyangwa kugura imbunda n'ibindi ariko amafaranga atangwa n'abo banyamuryango ba RPF bari hirya no hino.

Wasangaga dukorera hamwe abo muri komite nyobozi n'abo mu buyobozi bukuru bw'ingabo bigatuma urugamba rukomeza kuba rumwe.

Ibyo ni byo bintu Perezida yatsindishije aho urugamba rwabaye rumwe.

Aho uri, niba uri n'umukecuru ushaka ifaranga umenye ko urishakira kuryohereza, abana b'abakada bagakusanya imiti bakabyohererereza abakada bari kumwe n'abasirikare kugeza kuri wa mwana urasa.

Urugamba twese twabaga ari rwo tureba, aho uri n'undi aho ari."

Yahishuye ko abenshi mu rubyiruko bitabiraga urugamba rwo kubohora igihugu ndetse bamwe bagasubizwayo kubera ko batari bakageza imyaka 18.

Icyakoze bigishwaga amasomo y'imiyoborere n'iy'ubukada ndetse na Politiki bitewe n'uko aho bari baturutse bitari bibakundire kandi bafite ishyaka ry'urugamba.

**Kubohora Igihugu ni inzira ndende**

Tito Rutaremara avuga ko igice cya mbere cyo kubohora Igihugu ari ugushaka abantu n'ibitekerezo, ibyo bitekerezo bikigishwa ko ari ukubohora Igihugu.

Ugomba gukuraho wa wundi uboshye igihugu. Ati: "Ni yo ntambara ya mbere, ni we twakuyeho ariko n'iyo umukuyeho usanga ingoyi zihari, ubujiji, ubujyahabi, ubukungu butameze neza n'ibindi nk'ibyo. Ugomba rero kubyubaka, iyo ni inzira yo kubohora Igihugu.

Habaye intambara kuva mu 1990 kugeza mu 1994. Utsinze wa wundi wari uboshye ariko cya gihugu kiracyameze nabi, za ngoyi ziracyakirimo hanyuma abantu bakicara bakiyemeza kubohora Igihugu.

Icya mbere uravuga uti reka ndwane n'ubujiji, ubujyahabi, utangire ubukungu bukore, amashuri yubakwe, uzane ibintu byose byo kugira ngo umuntu abeho neza kuko ni cyo uba ushaka."

Rutaremara avuga ko utazana umutekano umuntu yaraye ubusa.

Uba ugomba gushaka ibyo arya, aho aba, ari no kugira ngo abantu bakore n'iki, ugashaka imiti yo kubavura.

Yavuze ko icyo gihe ibihugu bitafashaga u Rwanda ahubwo ugasanga birahitamo kwifashiriza abari hanze, kandi ugasanga abari mu gihugu bagomba kubikora abaturage bakabaho mu buzimana butandukanye n'ubwo bari babayemo.

Akomeza avuga ati: "Kugeza ubwo iyo nzibacyuho yo gukora ibyihutirwa irangiriye, noneho mugomba gutegura kugira ngo mwubake igihugu, mwubake iby'amashuri, mwubake amavuriro, ko buri Munyarwanda wese agomba kwivuza kandi akaniga, ubwo urimo urabohora Abanyarwanda."


Abanyarwanda ntibaragera aho bavuga ngo barabohotse, Rutaremara avuga ko ahubwo bari mu nzira.

Akazi kabo kwari ukugira ngo bigishe bahaguruke barwane, barwane n'abari imbere yabo kandi babatsinde.

Mu gihe batsinze bagerageze kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda, bongere bajye hamwe, bakorere hamwe kugira ngo batere imbere.

AtiL: "Turi aho ibyangombwa byose bimaze kujyaho, abana bariga, abantu barivuza ariko hari abantu bakituri imbere.

Niba umwana wacu yiga akavuga ati ariko hari ibyo nakwiga numva ariko hano ntibihari, ubwo ntiturabohoka, bikwiye kuba bihari umwana yige agere aho yumva we ubwe yinaniriwe ariko bihari."



Hon Tito Rutaremara

Rutaremara asaba urubyiruko gukoresha umutwe kugira ngo u Rwanda rushobore gufa ibihugu byateye imbere.

Ahamya ko Abanyafurika bifuza kuza mu Rwanda iyo akaba ari intambwe u Rwanda rumaze gutera.

Agira ati: "Mu gihe gishize nta Munyafurika wifuzaga kuhaza, aho kugira ngo abana bacu bifuze kujya muri Amerika cyangwa i Burayi ahubwo Abanyaburayi ari bo bifuza kuza iwacu, aho rero n imwe.

Dukoresha ubwenge buhangano (AI) bo babugezeho kera, ariko dufite icyo twabarusha kuko tugifite indangagaciro zacu, hariya nk'i Burayi ntizigihari.

Ubwo tumaze kugira ikoranabuhanga nk'iryabo tukaba tubarusha za ndangagaciro noneho aho kugira ngo twifuze kujyayo, abe ari bo bifuza kuza inahangaha, mwe rero urubyiruko iyo ntambara, ni iyanyu yo kubohora Igihugu cyacu."

Yasabye kwiyemeza, rugahaguruka, rukavuga ruti iki gihugu ni njye kireba, ngomba guhaguruka nkakirwanira.

Aha ni ho ahera avuga ko urugamba urubyiruko rurimo kurwana rurakomeye kurusha urwabo barwanye.

Ati: "Icyo mbivugira, uravuga uti ko mwajyaga ku rugamba bakaba babarasa mugapfa kandi ko nyine hari n'abandi bari bapfuye, warabyumvaga ukavuga uti ese ubundi ko ntariho neza, mfite akarengane, abana banjye batazabaho neza, abo tuzabyara n'abo tubana ko batariho neza, turemera kuguma muri ibyo ngibyo, ugomba rero kujya kubiharanira kugira ngo ubibone.

Igituma mvuga ko urugamba ruriho ntugire ngo rurorosheye kurusha urwacu, urumva Leta ibahaye ibyangombwa byose ariko irababwira iti nyamuneka ibi byangombwa nimubikoreshe, dore abandi barabikoresha bakagera mu kwezi kandi baba bari hejuru bashobora gufata ibyogajuru byabo bakakurasa hano ukamererwa nabi.

Icya mbere, ugomba guhaguruka nawe ukabikora ukabona uko wirinda, ukabona uko ukorana na bo.

Bigashaka rero yuko buri gihe wenda aho twari turi, twirirwaga, umwana yirukanka ashaka ibyo kurya hariya n'ibindi byinshi ariko we arareba ati ndiga ikoranabuhanga, ndashaka kugira ngo niba abandi bahera kuri ibi bakagira icyo bavumbura, njye kuki ntakora ikintu gifitiye akamaro abo duturanye n'abandi, kimfitiye akamaro njye ubwanjye, kikagirira akamaro n'igihugu cyanjye kandi ko ibyo banshakamo babimpaye?"

Yagaragaje ko buri gice kigira urugamba rwacyo kandi rushaka kwitangirwa, uwazaga ku rugamba ngo yabaga yitanze agatanga n'ubuzima bwe bityo rero ngo urubyiruko rw'u Rwanda rusabwa kwitanga rugakorera igihugu cyarwo.



Abatuye u Rwanda bageze kuri miliyoni 14,1

# Abaturage b'u Rwanda bamaze kuba miliyoni zisaga 14

KAMALIZA Agnes

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR), cyatangaje ko abaturage b'u Rwanda biyongereye bakagera kuri miliyoni 14,1 bavuye kuri miliyoni 13.2 mu mwaka wa 2022.***

NISR ishimangira ko abiganje ari urubyiruko ibyo bikaba bishimangira intambwe ikomeye iganisha igihugu mu iterambere, kubaka ibishya no kubaka ubudahangarwa.

Isesengura ry'Ibarura rusange rya Gatanu ry'Abaturage (RPHC5) rya 2022, ryerekanye ko umubare w'Abanyarwanda wari miliyoni 13,2 aho bazamutseho 2.3% ugereranyije n'ibarura rusange rya 2012.

Imibare ya 2022 igaragaza ko abagore bari 6.817.068 bangana na 51,5% by'abaturage bose, mu gihe abagabo bari 6.429.326, bingana na 48.5%.

Iryo sesengura ryagaragaje ko Umujyi wa Kigali ari wo ufite abaturage benshi batuye mu mijyi kurusha ahandi aho bangana na 86.9%, mu gihe Intara y'Amajyepfo ari yo ifite umubare muto w'abatuye mu mijyi bangana na 14.8%.

Iryo barura kandi ryagaragaje ko ku rwego rw'Intara y'Iburasirazuba n'Amajyepfo ari zo zituwe cyane, kuko zigize kimwe cya kabiri cy'abaturage bose b'u Rwanda.

Ku rwego rw'Uturere, aka Gasabo ko mu Mujyi wa Kigali ni ko gafite abaturage benshi kurusha utundi, mu gihe Kicukiro ari ko gafite ubucucike bwinshi bw'abaturage mu gihugu.

Uturere nka Nyaruguru ko mu Majyepfo na Nyabihu ko mu Burengerazuba ni two dufite abaturage bake kurusha utundi, naho Kayonza yo mu Burasirazuba ni yo ifite ubucucike buke bw'abaturage mu Rwanda.

Ikigo cyigenga cy'ibarurishamibare cy'Abanyamerika 'Real Time Statistics Project', kibinyujije ku rubuga rwacyo 'Worldometer' kigaragaza ko imibare y'abaturage b'u Rwanda yagiye izamuka uko imyaka yagiye isimburana kuko mu 1960 bari miliyoni 3 ariko baza kuba miliyoni 7,3 mu 1990.

Mu 1995 baje kugabanyuka bagera kuri miliyoni 5,6 bitewe na Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 ariko, mu 2000 bariyongereye bagera kuri miliyoni 8,2.

Worldometer igaragaza ko mu 2030 abaturage b'u Rwanda bazaba bageze kuri miliyoni 16,1 mu gihe mu 2050 bazaba ari miliyoni 22,7.

# Abize ayisumbuye 14 mu igororero rya Nyagatare batangiye ibizamini bya Leta

ZIGAMA Theoneste

***Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS), rwatangaje ko abanyeshuri 14 bo mu Igororero ry'abana rya Nyagatare barimo umukobwa umwe, kimwe n'abandi banyeshuri mu mashuri yisumbuye mu Gihugu hose, na bo bitabiriye ibizamini bya Leta.***

Muri abo banyeshuri uko ari 14, abagera ku 10 barangije icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye (O'Level) na ho bane barangije icyiciro gisoza amashuri yisumbuye (A'Level).

Ubuyobozi bwa RCS buvuga ko umwe waje gukora ibizamini nyuma yo kurekurwa amaze kwiyandikisha mu gihe yari ari kuhagororerwa, ubu akaba yari ari gukomereza amasomo ye hanze y'Igororero ku kindi kigo cy'amashuri.

Ku rundi ruhande, mu banyeshuri 10 bo mu cyiciro rusange bari gukora ibizamini, umunani muri bo baracyari mu Igororero, mu gihe babiri barangije ibihano bari barakatiwe n'inkiko bakarekuwa, na bo bakaba bacumbikiwe hafi y'Igororero kugira ngo babashe gukora ibizamini bya Leta nta nkomyi.

Ibi bikorwa bigaragaza umuhate RCS ifite mu gukomeza kunoza gahunda z'igorora zituma uwari umugororwa abasha kwisanga mu buzima busanzwe nyuma yo kurangiza igihano.

Ni gahunda iba igamije kumufasha kugira ejo hazaza heza, yitwara neza kandi yifitiye icyizere, binyuze mu burezi n'uburere buboneye ahabwa mu gihe cy'igorora.

Ni ibizamini batangiye kuri uyu wa Gatatu tariki ya 9 Nyakanga 2025, nk'uko n'ahandi mu gihugu hose byatangiye.

Ni mu gihe kandi ubwo hatangizwaga ibizamini bisoza amashuri abanza, muri iri gororero rya Nyagatare abahungu 16 ndetse n'umukobwa umwe na bo batangiye ibizamini bisoza amashuri abanza.

Bose uko ari 17 bakoranye n'abandi bana ku Rwunge rw'amashuri rwa Nyagatare (GS Nyagatare).

Ishuri ry'Igororero ry'abana rya Nyagatare ryigisha rigendeye ku nteganyanyigisho isanzwe ya Leta.

RCS ivuga ko ibyo bituma umwana uje kugororwa akomeza amasomo ye kandi nk'uko buri mwaka bigaragara batsinda ku rwego rushimishije.

Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora muri gahunda yarwo yo kugorora rwashyize imbere uburezi aho abagororwa bose mu byiciro barimo bigishwa kandi ku buntu.

Ni muri gahunda yo gufasha umugororwa kuzasubira mu muryango afite icyo azimarira kandi bikanamurinda kongera kwijandika mu byaha.

Muri rusange mu gihugu hose abanyeshuri basaga 255 000 barimo 149 134, bisoje icyiciro Rusange na 106 364 basoje icya kabiri cy'amashuri yisumbuye, ni bo batangiye ibizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri wa 2024/2025.

Ibi bizamini biri gukorerwa mu mashuri 1 595 hirya no hino mu Gihugu.



Aba ni bamwe mu banyeshuri bari mu igororerp bakoze ibizamini bya Leta







Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph yakebuye ababyeyi abasaba kurinda abana ubuzererezi n'ingeso mbi mu biruhuko

# MINEDUC yasabye ababyeyi kurinda abana ingeso mbi n'ubuzererezi mu biruhuko

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yasabye ababyeyi b'abanyeshuri muri iki gihe cy'ibiruhuko binini ko babarinda kwijandika mu ngeso mbi no kuzerera, ahubwo bakabitaho babatoza uburere bwiza yaba abato n'abakuru.***

Hashize ibyumweru hafi bibiri ibiruho ku banyeshuri biga mu mashuri abanza n'ayisumbuye bitangiye.

Minisitiri w'Uburezi mu Rwanda, Nsengimana Joseph yasabye abanyeshuri kwirinda kuzerera yaba abiga mu mashuri y'inshuke kugera ku biga mu yisumbuye.

Yashimangiye ko ababyeyi n'abarezi bakwiye kubibafashamo kugira ngo birinde ingeso mbi muri ibi biruhuko.

Yagize ati: "Turashishikariza ababyeyi ko muri ibi bihe abanyeshuri bari imuhira muri iki gihe cy'amezi abari, babitaho, kugira ngo bagire icyo bamarira imiryango."

Yijeje ko hari gahunda MINEDUC yashyizeho zo gutuma abana batarangara mu biruhuko.

Ati: "Ibintu byo kwicara babyibagirwe, noneho bazagaruke mu mwaka utaha bagiye gutangira amashuri mu buryo bushimishije"

Abo banyeshuri babwiye itangazamakuru ko uyu mwanya ari uwo gusubira mu masomo birinda ingeso.

Uwitwa Mpano Nina Enice yagize ati: "Turakomeza gusubira mu masomo uko bikwiye kugira ngo twiyungure ubumenyi, dufashe abana bagenzi bacu. Kuzerera bigira ingaruka nyinshi kuko bishobora gutuma umwana ava mu ishuri."

Murekatete Margeurite, umubyeyi ufite abana biga bari mu biruhuko yagize ati: "Kugira ngo abana batarangara tubafasha gusubira mu masomo, no gukina imikino itandukanye, kugira ngo batajya mu ngeso mbi."

Umuyobozi wa kimwe mu bigo by'ishuri Rukunda Viateur yabwiye itangazamakuru ko abana babashyiriyeho imikino itandukanye, irimo njyarugumba nka karate, bateganya no gukomeza gahunda nzamurabushobozi.

Ati: "Nyuma gato tuzatangira kubashyiriraho amasomo cyane cyane twibanda ku bana batsinzwe kugira ngo tuzarebe ko na bo umwaka utaha bazatsinda".

Guverinoma y'u Rwanda muri iki gihe cy'ibiruhuko, muri buri Kagali, irateganya gushyiraho ahantu abana bazahurira bagahabwa inyigisho n'imyidagaduro bibarinda kurangara no kujya mu ngeso mbi n'ubuzererezi.

# U Rwanda rwashimiwe guteza imbere ikoranabuhanga ridaheza



U Rwanda rwahawe igihembo cyo kwimakamaza iterambere ry'ikoranabuhanga ridaheza

KAYITARE Jean Paul

***U Rwanda rwahawe igihembo cyo kwikamaza iterambere ry'ikoranabuhanga ridaheza kandi rishingiye ku baturage binyuze mu gushyiraho ibikorwaremezo, kwigisha abaturage gukoresha ikoranabuhanga ndetse no gutanga serivisi zitandukanye hifashishijwe ikoranabuhanga.***

Ni igihembo cya WSIS+20 cyatangiwe mu nama mpuzamahanga ya WSIS yabereye i Génève mu Busuwisi ku itariki 10 Nyakanga 2025.

Iki gihembo cyakiriwe na Ambasaderi Urujeni Bakuramutsa uhagarariye u Rwanda muri Loni no mu yindi miryango mpuzamahanga iherereye i Génève mu Busuwisi.

Ambasade y'u Rwanda mu Busuwisi, yatangaje ko binyuze mu Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ikoranabuhanga mu Itumanaho n'Isakazabumenyi (RISA) n'Urwego Ngenzuramikorere (RURA), u Rwanda rukomeje guteza imbere ikoranabuhanga kuri bose kandi rishingiye ku muturage.

Yashimangiye ko u Rwanda rwateje imbere ikoranabuhanga kuri bose binyuze mu kwagura ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga, kuzamura ubumenyi mu ikoranabuhanga no gutanga serivisi zishingiye ku ikoranabuhanga zihabwa abaturage.

Yagize iti: "Ni intambwe igaragaza ubushake bwo guteza imbere ubukungu bushingiye ku bumenyi no guharanira ko ikoranabuhanga rigerwaho na bose."

U Rwanda rushimiwe guteza imbere ikoranabuhanga ridaheza, mu gihe rwatangiye kohereza mu mahanga 'Systems' z'ikoranabuhanga, zoherezwa mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere kandi rurimo kwinjiza amafaranga biturutse kuri izo serivisi.

Raporo ya Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga muri Sena, igaragaza ko ibihugu nka Eswatini, Chad, Guinea na Kenya byamaze gutangira gukoresha ubwo buryo bw'ikoranabuhanga bwakozwe n'u Rwanda, cyane cyane mu nzego z'imiyoborere ishingiye ku ikoranabuhanga, 'systems' zikoreshwa mu nzego z'ubuzima, ndetse no mu itangwa rya serivisi ku baturage.

Ibyo bikorwa by'ikoranabuhanga bijyana n'amahugurwa ndetse n'ubujyanama bujyanye n'amategeko abigenga.

U Rwanda ntirutanga izo porogaramu gusa, ahubwo runafasha mu gukora ivugurura rya serivisi rihuzwa n'ibiba bikenewe byihariye mu gihugu runaka.

# Gen (Rtd) Kabarebe yitabiriye ibirori byo kwizihiza Ubwigenge bw'u Butaliyani

KAYITARE Jean Paul

***Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ubutwererane bw'Akarere, Gen (Rtd) James Kabarebe, yahagarariye u Rwanda mu birori byo kwizihiza Ubwigenge bw'u Butaliyani wizihijwe ku mugoroba wo ku wa Kane tariki 10 Nyakanga 2025.***

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, ibinyujije ku rubuga rwa X, yatangaje ko Minisitiri Kabarebe yashimye umubano uri hagati y'ibihugu byombi.

Yagize iti: "Mu butumwa bwe, Gen (Rtd) Kabarebe yashimye umubano umaze gushinga imizi hagati y'u Rwanda n'u Butaliyani mu bijyanye n'ubucuruzi, ishoramari no gutera inkunga imishinga yo kubungabunga ibidukikije."



Gen (Rtd) James Kabarebe, yahagarariye u Rwanda mu birori byo kwizihiza Ubwigenge bw'u Butaliyani

Ku gicamunsi kandi cyo ku wa Kane, Umunyamabanga wa Leta ushinzwe ubutwererane bw'Akarere, Gen (Rtd) Kabarebe yakiriye mu biro bye Mauro Massoni, Ambasaderi w'u Butaliyani mu Rwanda.

Ibiganiro byabo byibanze ku gushimangira umubano hagati y'ibihugu byombi, haba ku rwego rw'impande zombi no ku rwego mpuzamahanga.

Umunsi w'Ubwigenge bw'u Butaliyani, uzwi kandi ku izina rya 'Festa della Repubblica' (Umunsi w'Igihugu cya Repubulika), ubusanzwe wizihizwa tariki 02 Kamena buri mwaka.

Uwo munsi bizihiza referandumu y'amateka yabaye mu 1946, ubwo Abataliyani batoraga gukuraho ubwami bugasimbuzwa Repubulika y'u Butaliyani.



ibiciro by'ibicuruzwa bitandukanye ku masoko yo mu Rwanda byazamutseho 7% muri Kamena 2025

# Ibiciro ku masoko byazamutseho 7% muri Kamena 2025

**KAYITARE Jean Paul**

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyatangaje ko ibiciro by'ibicuruzwa bitandukanye ku masoko yo mu Rwanda byazamutseho 7% muri Kamena 2025, bivuye kuri 6.9% muri Gicurasi 2025.***

Raporo y'igipimo cy'ibiciro ku masoko yatangajwe kuri uyu wa Kane, yagaragaje ko izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye, byazamutseho 8.7% ku mwaka, ariko bigabanukaho 1.5% ku kwezi.

Amazi, amashanyarazi, gaze n'ibindi bikomoka ku bitanga ingufu, byazamutseho 3.6% ku mwaka, ariko bigabanukaho 0.2% ku kwezi.

Ubwikorezi bwazamutseho 4.4% ku mwaka, hanyuma buzamukaho 0.1% ku kwezi. Ni mu gihe ibiciro by'amahoteli n'amaresitora, ubushakashatsi bwa NISR bugaragaza ko byazamutseho 17.8% ku mwaka, ndetse bikazamukaho 1.2% ku kwezi.

Ibi bipimo byerekana uko ibiciro ku isoko bihinduka, bikaba mu gusobanukirwa uko ubuzima bw'igihugu buhagaze mu bijyanye n'imibereho y'abaturage.

Ibicuruzwa bikorerwa mu gihugu byazamutseho 6.7% ku mwaka, ariko bigabanukaho 0.5% ku kwezi, mu gihe ibiciro by'ibicuruzwa byinjira mu gihugu byazamutseho 8% ku mwaka, kandi bikazamukaho 0.5% ku kwezi.

Ibiciro by'ibicuruzwa bimara igihe gito, byazamutseho 10.2% ugereranije n'umwaka ushize, ariko bigabanukaho 1.7% ugereranije n'ukwezi kwa Gicurasi kwabanje.

Ibiciro by'ingufu zikomoka ku zuba, byazamutseho 1.2% ku mwaka, ntibyahindutse mu gihe cy'ukwezi.

Ibiciro by'Ikigereranyo rusange uretse ibiribwa bimara igihe gito n'ingufu byazamutseho 6.6% ku mwaka, ariko bizamukaho 0.3% ku kwezi.

# Imicungire mibi ni nyirabayazana yo kutishyura imyenda muri Sacco Umurenge

**NYIRANEZA Judith**

***Minisitiri w'Imari n'igenamigambi Yusuf Murangwa yagaragaje impamvu zituma imyenda ifatwa muri Sacco Umurenge zitishyurwa neza, cyane cyane ituruka ku micungire mibi y'abayobozi n'abakozi.***

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 8 Nyakanga 2025, ubwo yagezaga ku Nteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite ibisubizo mu magambo ku bibazo byagaragaye mu mikorere ya "SACCOs".

Inguzanyo zitangwa na Sacco Umurenge ntizishyurwe neza akenshi biruruka ku micungire mibi, bikomotae ku bayobozi bn'abakozi bazo.

Raporo y'ingendo rusange z'Abadepite bakoze kuva ku wa 21 Mutarama- 4 Gashyantarw 2025 mu Ntara no mu Mujyi wa Kigali tariki ya 8-9 Gashyantare 2025, igaragaza ko imyenda itishyurwa neza iri ku gipimo kuri hejuru.

Iyo raporo yagaragaje ko imwe mu Mirenge Sacco ifite imyenda iri ku gipimo kuri hejuru y'ikigenwa na Banki Nkuru y'Igihugu cya 5%.

Ingero ni Sacco Muyira Dushyigikirane yo mu Murenge wa Muyira mu Karere ka Nyanza ifite igipimo cya 30,5%, Sacco Karama yo mu Murenge wa Karama ikaba yari ku gipimo cya 33%.

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi Yusuf Murangwa yagize ati: "Hagendewe ku mibare yo muri Werurwe 2025, Sacco Umurenge 22,8% zitishyura neza imyenda ziri ku kigero kiri munsi ya 5%. Sacco 23% zingana na 96 zifite imyenda itishyurwa neza ku gipimo kiri hagati ya 5%-10%."

Yakomeje agira ati: "Sacco 37,3% zingana na Sacco 155 nazo imyenda ntiyishyurwa neza ziri hagati ya 10% na 20% naho Sacco 16,8% zingana na 70, imyenda itishyurwa neza ziri hejuru ya 20%."

Hari inguzanyo zisabwa n'abaturage, zigashorwa mu bikorwa batazisabiye, bikaba ari yo mpamvu Sacco zigira igipimo cy'imyenda itishyurwa iri hejuru.

Hari zimwe muri za Sacco zibwe bigizwemo uruhare na bamwe mu bashinzwe imicungire yazo.

Yagize ati: "Urugero Sacco Jabana yo mu Karere ka Gasabo yahombye miliyoni zisaga 439, hari Sacco Mugunga yo mu Karere ka Gakenke yibwe n'abakozi bayo mu 2015 amafaranga y'u Rwanda miliyoni 67 atarashoboye kugaruzwa, hari Sacco Isoko ya Gasabo mu Murenge wa Kimironko yibwe n'uwari umuyobozi wayo agera muri miliyoni 87Frw."

Yakomeje agaragaza ko mu Karere ka Rusizi hari Sacco ya Butare yibwe miliyoni zisaga 23Frw, Sacco ya Bweyeye yibwe asaga miliyoni 24.



Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi yagaragaje impamvu Sacco Umurenge zitishyurwa neza imyenda

Minisitiri Murangwa yakomoje ku kuba hari imishinga isabirwa inguzanyo iba itizwe neza.

Yavuze ko inguzanyo zitangwa mu byiciro, hakabanza gusuzimwa aya mbere uko yakoreshejwe.

Mu gukemura ibyo bizazo yavuze ko hahindurwa buyobozi n'abakozi by'aba ngombwa bagashyikirizwa ubutabera iyo bigaragaye ko babivizemo uruhare cyangwa uburiganya.

Ikindi ni uko iyo kwishyura imyenda bidakorwa neza, Sacco isabwa kuba ihagaritse gutanga imyenda.

Gukora ubukangurambaga hagasobanurwa neza serivisi zijyanye n'inguzanyo,

Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite yanyuzwe n'ibisobanuro mu magambo byatanzwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Murangwa Yusuf, ku bibazo byagaragaye mu mikorere ya "SACCOs", kandi Minisiteri izkomeza gukurikirana ko ingamba zagaragajwe zishyirwa mu bikorwa.





# Ibitaro bya Muhima byishyuza abarwayi imiti bakira batayinyoye ntibasubizwe amafaranga

**ZIGAMA Theoneste**

***Abadepite bagize Komisiyo ishinzwe kugenzura Imikoreshereze y'Imari n'Umutungo by'Igihugu (PAC) banenze bikomeye Ibitaro bya Muhima byo mu Karere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali, bisaba abarwayi kwishyura imiti bakira batayikoresheje ntibasubizwe amafaranga yabo.***




Abadepite banenze bikomeye imicungire y'ibitaro bya Muhima

Babigarutsweho ku wa Kabiri tariki ya 8 Nyakanga 2025, ubwo ubuyobozi bw'ibyo bitaro bwitabaga PAC ngo bisobanure kuri amwe mu makosa y'imicungire mibi y'umutungo wa Leta yabigarayemo.

Ni amakosa agaragara muri Raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta y'Umwaka wa 2024/2025.

Hakomojwe ku bibazo by'abarwayi bagana ibyo bitaro byagaragaye ko bishyuzwa imiti y'umurengera, bagakira iyo miti bandikiwe batayikoresheje.

Umuyobozi Mukuru w'Ibitaro bya Muhima Dr. Steven Mugisha, yasobanuye ati: "Iki kibazo cyajyaga kiba ku barwayi bari mu bitaro, hari abamara ukwezi, wenda nk'abana bavuka batagejeje igihe. Umuganga akandika imiti iterwa, umurwayi akagenda akira, bikaba ngombwa ko akurwa ku miti iterwa, agashyira ku binini."

Yavuze ko hari igihe umurwayi yasezerarwa, mu bitaro amaze gukira, iyo miti yaguze atarayimara.

Yavuze ko hari n'ubwo umubyeyi ugiye kubyara abaganga babona akeneye kubagwa ariko mu gihe cyo kubyara nyirizina, abyaye neza nyamara yandikiwe imiti myinshi ijyanye no kubagwa.

Dr. Mugisha yashimangiye ko icyo gihe iyo miti yasigaraga mu bitaro igahabwa abarwayi batishoboye nta kiguzi.

Ati: "Hari uburyo tuyibika tukayiha abarwayi ku giciro cya zero. Twashyizeho amabwiriza ko buri murwayi uri mu bitaro azajya asabirwa imiti y'umunsi umwe, bigabanya cya kibazo cy'imiti isaguka."

Ni ibisobanura bitanyuze Abadepite Hon. Karinijabo Barthelemy, yagize ati: "Niba iyo miti itarigeze ijya hanze y'ibitaro, umuntu akishyura imiti y'ibihumbi magana, mwe mukayisubiza mu yo muha abarwayi. Kuki mudashobora gusubiza amafaranga uwo muntu wishyuye."

Perezida wa PAC, Hon Muhakwa Valens yagaragaje ko iki kibazo cy'abaturage bishyuzwa imiti cyangwa izindi serivisi zo kwa muganga ntibazikoreshe zose, ntibasubizwe amafaranga kigaragara mu bitora byinshi mu gihugu.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubuzima Zachee Iyakaremye, yumvikanishije ko icyo kibazo MINISANTE igiye kukigenzura kugira ngo gihabwe umurongo, yanenze uburyo Ibitaro bya Muhima, bikoresha bwo kongera gutanga imiti, yari yarahawe umurwayi ntayikoreshe, akemanga ubuziranenge bwayo

Yagize ati: "Kidukanguye n'ahandi, ntabwo bikwiye ko umurwayi yishyuzwa imiti myinshi, kandi birateza ikibazo cy'ubuziranenge bwayo. Niba umurwayi ha handi ku gitanda abika imiti muri twa tubati, azayikoresha mu cyumweru cyose, umuntu ashobora, kugira ikibazo cy'iyo miti niba yarakorewe kubikwa ahantu nk'aho."

Yavuze ko uburyo bwiza bwo kuvura neza umurwayi akwiye kwandikirwa imiti agiye guterwa uwo munsi.

Ati: "Biramutse byabayeho niyo byaba ari umunsi umwe, tuvuge umubyeyi ugiye kubyara bamujyanye aho babagira, noneho bigahinduka akabyara atabazwe, hari imiti yari yamaze kwishyura [ubundi abarwayi bishyura mbere] icyo gihe bifatwa nk'imiti yari ikiri mu bitaro itaragera mu biganza by'umurwayi, amafaranga akaza gukurwa muri fagitire rusange umurwayi ahabwa atashye."

Iyakaremye yihangirije abayobora ibitaro, ko badakwiye kongera guha abarwayi imiti bandikiwe ngo ari bo bayibikira ahubwo ko bajya bahabwa iyo bakoresha umunsi umwe gusa.

# RRA yakusanyije arenga tiriyali 3 Frw mu 2024/2025

**KAMALIZA Agnes**

***Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'amahoro, (RRA) cyatangaje ko mu mwaka w'isoresha wa 2024/2025 cyakusanyije miliyari 3.079,8 z'amafaranga y'u Rwanda (asaga tiriyali eshatu), bivuze ko umuhigo weshejwe z'imisoro bingana n'igipimo cya 101.3% ugereranyije n'intego ya miliyari 3.041,2 z'amafaranga y'u Rwanda bari bafite.***

Mu kiganiro n'Itangazamakuru ku wa 08 Nyakanga 2025, ku ishusho y'imisoro n'isoresha mu mwaka w'ingengo y'imari warangiranye na Kamena 2025, RRA yatangaje ko iby'ingenzi byatumye iyo ntego igerwaho harimo ubukangurambaga, gahunda yo kwigaragaza ku bushake, ibikorwa byo kurwanya magendu n'ibindi.




Komiseri Mukuru wa RRA Niwenshuti Ronald

Komiseri Mukuru wa RRA Niwenshuti Ronald, yasobanuye ko miliyari 3.079,8 Frw z'imisoro yakusanyijwe mu 2024/2025 zingana na 52,9% by'ingengo y'imari igihugu cyakoresheje muri uwo mwaka.

RRA ivuga ko ubukangurambaga bwo gukoresha ikoranabuhanga ry'imashini za EBM, izatanzwe ari 147.700 zivuye ku 117.631 zatanzwe mu mwaka wa 2023/2024.

Mu bacuruzi bashya bazihawe, abagera kuri 44.000 bahise bandikwa mu batanga umusoro ku nyongeragaciro (TVA) bavuye ku 32.529 bari banditswe 2023/2024.

Ku bijyanye na gahunda yo kwigaragaza ku bushake yatumye RRA ikusanya miliyari 18,1 Frw kuko abigaragaje ku bushake bose mu 2024/2025 ari 5.328.

Iyo misoro yose kandi yagizwemo uruhare n'ibitumizwa mu mahanga byiyongereye ku kigero cya 21,9% ugereranyije na 16,3% byari biteganyijwe.

Ni mu gihe ibikorwa byo kurwanya magendu byafashije RRA gukusanya miliyari 14,6.

RRA yasobanuye ko izamuka ry'ubukungu ku gipimo cya 8,0% hagati ya Nyakanga 2024 na Werurwe 2025, cyarenze 7,6% cyari giteganyijwe, na byo byagize uruhare mu bwiyongere bw'imisoro yakusanyijwe.

Komiseri Niwenshuti yasobanuye ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026, hari intego yo gukusanya miliyari 3,628 Frw z'imisoro n'amahoro, bingana na 53% by'ingengo y'imari.

Avuga ko kugira ngo iyo ntego igerweho bazashyira mu bikorwa gahunda bateguye izafasha kunoza iyubahirizwa ry'inshingano zo gusora, harimo kongera imbaraga mu kurwanya magendu no kongera ikoreshwa ry'ikoranabuhanga.

Ati "Turashaka gukoresha ikoranabuhanga dusanganywe ariko twongereho n'irindi rishya harimo irijyanye no gukusanya imisoro kuri za gasutamo ndetse no kongera imbaraga mu ikoreshwa rya EBM kugira ngo kuzikoresha byorohe kurushaho ariko hajyemo n'uburyo bwo kuzigenzura, bidufashe mu imenyekanisha ry'umusoro ugomba gutangwa."

Yongeyeho ko hazashyirwa imbaraga no mu bwubatsi harimo ibikoresho byinshi bakoresha bidatangirwa inyemezabuguzi, ababicuruza batazwi n'ahandi.

# Rubavu: Inzu 870 z'abasenyewe n'ibiza zigiye kubakwa

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri wa Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA), Maj Gen. (Rtd) Albert Murasira yashyize ibuye ry'ifatizo kuri site ya Rugerero, ahagiye kubakwa inzu 870 z'abaturage bo mu Mirenge itandukanye yo mu Karere ka Rubavu basenyewe n'ibiza byabaye muri Gicurasi 2023.***

Ni ku wa Kane tariki ya 10 Nyakanga 20205, icyo gikorwa cyabaye, aho izo nzu zigiye kubakwa mu Mugudugu wa Gitebe II, Akagari ka Muhira mu Murenge wa Rugerero ni inzu zizubakwa mu buryo imwe izajyamo imiryango 4 (four in one), imwe izaba ifite agaciro ka miliyoni 47.

Zizubakirwa imiryango itari ifite ibibanza ngo yubakirwe kuko zisanze izindizirenga 460 zubatswe mu cyiciro cya mbere ubu abaturage bakaba bazibamo.

Minisitiri Maj. Gen. (Rtd) Albert Murasira ati: "Inzu tugiye kubaka ni inzu zifite ubudahangarwa, ni inzu zikomeye, ni ukuvuga ko agomba gukomeza gukorerwa isuku, bakagira uburyo bifata neza bikabafasha kugira ngo na bo biteze imbere, badahora bumva ko Leta izakomeza kubafasha ngo batere imbere."

Umwe mu baturage bahuye n'ibiza, bagiye kubakirwa Manishimwe Jean Pierre wo mu Kagari ka Kabirizi, Umudugudu Amahoro, ashima ko Leta yabagobotse ubwo bagerwagaho n'ibiza, ikabakodeshereza ho kuba.

Yagize ati: "Ndi mu bagezweho n'ibiza mu 2023. Ndashima Leta yaradufashije, nyuma y'ibiza, yaradukodeshereje, ubu twari duhanganye na banyiri inzu ariko kuri ubu ntitwaryamaga, ntitwasinziraga bene inzu batubwiraga ngo tubavire mu nzu iyo amafaranga yabaga atinze kuboneka."

Yakomeje avuga ko ashimishijwe no kuba bagiye kubakirwa inzu yo kubanamo n'umuryango we w'abana 10, akabishimira Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Undi mubyeyi na we ashima Leta yabarwanyeho ikabakodeshereza ndetse ko yakiriye neza kuba bagiye kubakirwa inzu, bakava mu bukode.

Ati: "Nakiriye neza cyane iki gikorwa, kuko Leta iba yaradutekerejeho ikaba itangiye kutwubakira, uburyo yatubaye hafi, ntihweme kutwitaho. Yakomeje kutwitaho ikatubonera ibibanza, ndetse ikaba igiye no kutwubakira, turayishima."

Biteganyijwe ko izo nzu zizubakwa muri site 3, muri Rubavu, zizarangira kubakwa mu mpera z'Ukuboza 2025.

Zizatuzwamo abaturage bo mu Mirenge itandukanye, imyinshi ni iyagezemo umwuzure wa Sebeya irimo Rugerero, Nyundo, Kanama, Nyakiriba na Nyamyumba izwho kuba Umurenge ugizwe n'imisozi ihanamye aho abaturage bari batuye mu manegeka.

Leta ifatanyije na Banki y'Isi bafatanyije kugura ibibanza kugira ngo bubakirwe.

Minisitiri Maj. Gen. (Rtd) Albert Murasira yasabye abatuye ako Karere guhora bakora ibikorwa bikumira ibiza birimo gusibura inzira z'amazi, kuzirika ibisenge no kubaka inzu zifite ubudahangarwa.



**Minisitiri Maj Gen. (Rtd) Albert Murasira yashyize ibuye ry'ifatizo kuri site ya Rugerero ahubakwa inzu z'abaturage bahuye n'ibiza**



**Abadepite bagize PAC banenze Akarere ka Gisagara kuba kadatanga raporo zose mu buryo bwateganyijwe n'amategeko**

## Gisagara irashinjwa gutanga amasoko ya miliyari 2 Frw binyuranyije n'amategeko

ZIGAMA Theoneste

***Abadepite bagize Komisiyo ishinzwe gukurikira imikoreshereze y'Umutungo n'imari bya Leta (PAC) banenze Akarere ka Gisagara kuba karatanze amasoko afite agaciro k'asaga miliyari zisaga 2 z'amafaranga y'u Rwanda, mu buryo bunyuranyije n'amategeko.***

Babigarutseho ku wa Kane tariki ya 10 Nyakanga 2025, hifashishijwe ikoranabuhanga, ubwo ako Karere, kisobanuraga kuri ayo masokosa y'imicungire mibi y'umutunga wa Leta yagaragaye muri Raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'Umwaka wa 2024/2024.

Depite Uwumuremyi Marie Claire yarondoye ayo amakosa agira ati: "Bananiwe gutanga raporo y'amasoko 14 yatanzwe yari afite agaciro k'arenze miliyoni 920 Frw, yatanzwe inyuma ya sisitemu y'ikoranabunga itangirwamo amasoko.

Hari ukwishyura ba rwiyemezamirimo badafite ibimenyetso byerekana ko ari bo bakoresheje [...] aho amasoko 6 y'agaciro k'asaga miliyari 1 na miliyoni 100 z'amafaranga y'u Rwanda atangiwe ibimenyetso."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gisagara bwavuze ko icyo kibazo cyo gutanga raporo ntizishyirwa muri sisitemu cyabayeho koko ariko bwiyemeje kugikosora ko ubutaka butazagaruka kwitaba PAC kubera ayo makosa.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gisagara, Uwamaro Carine, yagize ati: "Ni byo koko turabizi ndetse twanabiganiriyeho n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, raporo zaratanzwe zitangirwa hanze ya sisitemu bitewe n'ikibazo cya sisitemu, turabizeza ko ubutaka tuzabyubahiriza iki kibazo ntikizongere kugaragara.

PAC yabajije impamvu haba izo mbogamizi ariko ntibasabe ubufasha, Uwamaro asubiza ko babusabye ariko batahise babuhabwa.

Ati: "Mu Mirenge barabivuguruye ku buryo hatazongera kubamo ibibazo muri sisitemu no mu mashuri byarakemutse turabizeza ko bitazongera."

Iyo raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yarekanyeko Akarere ka Gisagara, kabonye amanota 73% mu gushyira mu bikorwa inama z'uwo Mugenzuzi, kakaba kijeje ko ubutaha kazagira amanota 80%.





# Abahinzi b'ikawa bagiye guhabwa ifumbire iriho nkunganire ya 50%

NYIRANEZA Judith

***Uyu mwaka ifumbire izagezwa ku muhinzi w'ikawa iriho nkunganire ingana na 50% naho indi 50% izishyurwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Iyoherezwa mu mahanga ry'Ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB) n'Ihuriro ry'abohereza ikawa mu mahanga bakanayitunganya (CEPAR).***



**Gushyira ifumbire ku ikawa bizamura umusaruro mu bwiza no mu bwinshi**

Igiciro cy'ifumbire ni 1,592Frw ku kilo, umuhinzi w'ikawa azishyura 796Frw ku kilo angana na 50%, na ho andi 50% asigaye yishyurwe na NAEB na CEPAR nka nkunganire.

Bikubiye mu masezerano y'imikoranire yashyizweho umukono n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB), Ihuriro ry'abohereza ikawa mu mahanga bakanayitunganya (CEPAR) hamwe na One Acre Fund-Tubura, agamije kwegereza abahinzi b'ikawa ifumbire.

Ni amasezerano yasinywe ku wa Gatatu tariki ya 9 Nyakanga 2025, agamije gushyira mu bikorwa icyerekezo cy'Igihugu mu guteza imbere ubuhinzi n'ubukungu muri rusange.

Kuva mu gihembwe cy'ihinga cya 2026A, ifumbire yo mu bwoko bwa `NPK 22-6-12+3S', izajya igezwa ku bahinzi na One Acre Fund-Tubura.

Abahinzi b'ikawa bazatangira kubona ifumbire mu kwezi kwa Cyenda 2025, bikazabaha umwanya uhagije wo gutegura imirima no gutera ifumbire mu ikawa ku gihe.

Kuko nta fumbire y'ubuntu izatangwa, abahinzi b'ikawa basabwa kwitegura kare, bagakorana n'inganda zitunganya ikawa ndetse n'abakangurambaga ba One Acre Fund-Tubura babegereye, kugira ngo bazabone ifumbire.

Nyuma yo gusinya aya masezerano, Umuyobozi Mukuru wa NAEB, Claude Bizimana, yagize ati: "Ubu buryo buhuriweho, bugaragaza gahunda irambye yo guteza imbere urwego rw'ubuhinzi bw'ikawa y'u Rwanda, binyuze mu gufasha abahinzi kubona ifumbire nziza mu buryo bwiza kandi ku gihe, na bo babigizemo uruhare.

Umuhinzi w'ikawa asabwa kubyaza umusaruro aya mahirwe, kuko iyo ukoresheje kandi neza, bizamura umusaruro n'ubwiza bw'ikawa, bikihutisha iterambere."

Umuyobozi Mukuru wa One Acre Fund-Tubura Belinda Bwiza, yavuze ko ayo masezerano azafasha kongera umusaruro w'ikawa.

Ati: "Aya masezerano yasinywe hagati ya NAEB, CEPAR no One Acre Fund-Tubura ni urugero rw'ibifatika bishoboka, iyo Inzego za Leta, Abikorera n 'Abafatanyabikorwa mu iterambere bahuje imbaraga. Binyuze mu ihuzabikorwa, ubukangurambaga n'igenamigambi rishingiye kuri ubu bufatanye ni umusingi w'iterambere bw'ikawa y'u Rwanda ndetse n'iterambere ry'abahinzi muri rusange."



**Minisitiri Maj. Gen. (Rtd) Murasira Albert yasabye abaturage gufata neza inzu bahawe no guharanira kwiteza imbere**

## Musanze: Abasenyewe n'ibiza bahawe inzu 115

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) ifatanyije na Banki y'Isi yashyikirije Akarere ka Musanze inzu 115 zubakiwe abaturage basenyewe n'ibiza mu Murenge wa Musanze Akagari ka Kabazungu.***

Minisitiri wa MINEMA, Maj. Gen. (Rtd) Murasira Albert, yasabye abaturage bubakiwe izi nzu kuzazifata neza birinda ko zangirika.

Yaboneyeho kubasaba kurushaho kwiteza imbere kuko inzu bubakiwe ari umusingi w'iterambere ryabo n'Igihugu muri rusange.

Yagize ati: "Gufata neza inzu ni ibisanzwe, ahubwo namwe mugomba kwifata neza, mukiteza imbere mukanateza imbere Igihugu, kuko ntabwo bigomba kuba nka bya bindi iyo umuntu amenyereye ko bakunda kumuha, hari igihe avuga ngo nzahora nteze amaboko."

Abaturage bishimiye ko bubakiwe inzu bikaba bigiye kubarinda ibibazo byo kutagira inzu bahuraga na byo.

Ati: "Perezida ugende umubwira uti, umukecuru witwa Nyirahabimana Daphorose aragushimira kuko wamuhaye inzu ubundi yajyaga avirwa, ubu yabonye inzu, akarya akaryama."

Undi ati: "Iyi nzu kugira ngo nyibone ni Paul Kagame, ni ubu umwuka ndimo guhumeka ni we."

Inzu 115 zubatswe kuri site ya Kabazungu, zisanze izindi zirenga 2 500 zubakiwe abasenyewe n'ibiza bo mu Ntara y'Amajyaruguru n'iy'Iburengerazuba mu cyiciro cya mbere, bakaba bazituyemo ubu.

Ni mu gihe izindi zirenga 2 000 zikirimo kubakwa mu Turere 7 twa Musanze, Burera, Rubavu, Nyabihu, Karongi, Ngororero na Rutsiro.

# Imipaka ihuza Uganda n'ibice bigenzurwa n'Umutwe wa M23 yongeye gufungurwa

KAYITARE Jean Paul

***Umugaba Mukuru w'ingabo za Uganda, Gen Muhoozi Kainerugaba yatanze amabwiriza y'uko imipaka ihuza Uganda n'ibice byo mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, bigenzurwa n'Umutwe wa M23, yongera gukora nk'uko byari bisanzwe.***




**Umupaka wa Bunagana uhuza Uganda na RDC wongeye gufungurwa**

Col Chris Magezi, umuyobozi mu biro by'Umugaba Mukuru w'Ingabo za Uganda, yavuze ko ari amabwiriza yatanzwe na Gen Muhoozi.

Umugaba Mukuru w'Ingabo za Uganda yagize ati: "Perezida akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'ingabo za Uganda, UPDF, yatangaje ko imipaka yose yegereye aho Umutwe wa M23 igenzura, igomba guhita yongera gukora. Iyo mipaka ni Bunagana, Ishasha n'indi.

Nta kintu na kimwe kigomba guhagarika ubucuruzi bw'abaturage bacu, turaza gucukumbura abayobozi bose babangamiye ubu bucuruzi."

Ikinyamakuru Nilepost cyo muri Uganda cyatangaje ko ibice bigenzurwa n'umutwe ukomeye wa M23 ugenzura Kivu y'Amajyaruguru, ahari imipaka yinjiza miliyoni y'amadolari ya Amerika buri kwezi aturutse ku bucuruzi bw'abambukiranya imipaka.

Umupaka wa Bunagana nk'umupaka w'ingenzi, ugenzurwa na M23 kuva mu kwezi kwa Kamena 2022.

Uganda yungukira mu gukorana ubucuruzi na RDC by'umwihariko mu Burasirazuba bwa Kongo aho icuruza amamiliyoni y'amadolari ya Amerika y'ibicuruzwa binyuzwa ku mipaka ihana imbibi n'ibihugu byombi.



Bamwe mu borozi bo muri Gakenke bavuga ko batari babona inka za kijyambere 100%

# Gakenke: Aborozi b'inka baratabaza kubera ibura ry'intanga za kijyambere

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu borozi bo mu Karere ka Gakenke baravuga ko bahangayikishijwe n'ikibazo cyo kutabona intanga z'inka za kijyambere mu buryo buboroheye, bikagira ingaruka ku bworozi bwabo no ku musaruro w'umukamo.***

Basaba ko inzego zibishinzwe zabegereza serivisi zijyanye no gutererwa intanga.

Iki kibazo kiragaragara cyane mu Mirenge ya Coko na Minazi, aho aborozi bavuga ko inka zabo zirinda zikagera ubwo zirinduka bataraziterera intanga, bikabatera igihombo gikomeye.

Ahimana Robert, umwe mu borozi bo mu Murenge wa Coko, yagize ati: "Dufite ikibazo cyo kubona intanga z'inka za kijyambere kugira ngo twongere umukamo. Iyo inka zatinze guterwa intanga zishobora kurindura, bityo tugatakaza byinshi. Twifuza ko badushakira intanga hafi kugira ngo ubworozi bwacu butere imbere."

Mukamwezi Josephine wo mu Murenge wa Muzo we yagize ati: "Kubera ko tutabona intanga hafi, bamwe muri twe twahisemo kujya twijyana inka ku bimasa, ariko ibyo bigarura bwa bworozi bwa gakondo. Si inka za kijyambere, kandi gusangira imfizi bitera inka indwara zitandukanye. Turasaba ko badushyiriraho intanga hafi hamwe n'abaganga b'amatungo."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gakenke buvuga ko iki kibazo bukizi, kandi ko hari gahunda yo kugishakira umuti binyuze mu mushinga wa RDDP.

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, yagize ati: "Ni ikibazo kimaze igihe gikunze kugaragara. Ubu hari icyiciro cya kabiri cy'umushinga RDDP uzadufasha gukemura iki kibazo.

Muri iki gihe hari ibikoresho bidahagije birimo umuti wa 'azote liquide' ubikwamo intanga, ndetse n'intanga ubwazo zituruka kure. Ikindi, igiciro cy'intanga kiri hejuru. Dusaba aborozi gukomeza kwita ku nka zabo, kuzivuza no kuziha ibyo zikenera."

Kugeza ubu, mu Karere ka Gakenke habarurwa inka 72 323, muri zo 19 798 zaratanzwe muri gahunda ya Girinka. Inka zororoka ni 13 325, kandi hari amakusanyirizo 7, ariko hakiri icyuho mu kubona inka za kijyambere n'intanga zibafasha kongera umusaruro.

# Nyagatare: Kiyombe abambukaga umupaka bajya kwivuza baruhuwe ingendo ndende

HITIMANA SERVAND

***Abaturage bo mu Kagari ka Gataba mu Murenge wa Kiyombe bavunwaga n'ingendo, biyibaga bakajya kwivuza hakurya y'umupaka, ubu barashima ko bavunwe amaguru kuko bubakiwe ivuriro ry'ibanze ribafasha kubona serivisi z'ubuvuzi.***

Aba baturage bavuga ko kubera imiterere y'aho batuye bitaboroheraga ko bagera ku kigo nderabuzima cya Cyondo, ariyo mpamvu bahitagamo kwambuka bakivuriza muri Uganda mu gihe bagize ikibazo cy'uburwayi.

Tumuhirwe Joyeuse agira ati: "Aha dutuye mu misozi ni hafi y'umupaka. Ahari ivuriro ni kure yacu, byari bigoye kuba wafatwa n'uburwayi nijoro cyangwa ukarwaza umwana ngo ubone uko ugera Cyondo. Twahitaga twambuka Uganda kandi naho ubwo kwivuza akenshi, ntta gusuzuma byari ukugura imiti nkugura ibindi bicuruzwa, ugapfa kunywa ugakira byakwanga ukazabona kwerekeza ku kigo nderabuzima.

Akomeza avuga ko ubu byakemutse kandi bashimira ubuyobozi

Ati: "Kuri ubu twubakiwe ivuriro ry'ibanze rifite imiti, ufashwe n'uburwayi araza akavurwa byaba ari ibikomeye agahabwa taransiferi atarembeye mu rugo. Turashima ubuyobozi bwatwitayeho."

Byamungu Innocent yagize ati: "Njye ntuye neza hano ku mupaka, kujya kwivuza rero twambukaga uko tubonye Nta byangombwa nubwo tuba tuziranye by'abaturanyi hakurya aha, ariko ugize ikibazo wambutse muri ubu buryo biba ingorane."

Yakomeje avuga ko byatumaga bativuza kandi baratanze ubwisungane mu kwivuza, Mitueli hakaba n'ababwishyura biganyiriza kuko bumvaga ntacyo izabafasha.

Akomeza agira ati: "Aho tubonye iri vuriro ziriya ngorane zose zavuyeho. Turarwara tukivuza tudakoze ingendo zituvuna. Turashima izi serivisi z'ubuvuzi twgerejwe zatuvunnye amakuru"

Ubuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen avuga ko gushyiraho aya mavuriro biri mu cyerekezo cy'Igihugu cyo kwegereza abaturage ubuvuzi.

Ati: "Uko ubushobozi bugenda buboneka dukora ibishoboka kugira ngo dushyire mu bikorwa umuhigo wo kugeza amavuriro y'ibanze hafi y'abaturage, kuko ni icyerekezo cy'Igihugu cyuko buri Kagari nibura kagira ivuriro ry'ibanze.

Abaturage baturiye umupaka twubatse aya mavuriro kugira ngo batagira ibyo babona batabona iwabo bikabasaba kwambuka kandi noneho ari service z'ubuzima ziri nu by'ibanze bakeneye ngo bivuze neza, bagire ubuzima bwiza."

Amavuriro y'ibanze mu Karere ka Nyagàtare agera kuri 84 harimo ari ku rwego rwisumbuye 4, ibigo nderabuzima 20 n'ibitaro 2 ibya Nyagatare na Gatunda.



Ivuriro ry'ibanze rya Gataba ryavunnye abagorwaga no kugera aho kwivuriza





# Rubavu: Umugore yamutaye amezi 9 agaruka asaba gusaranganya umutungo

NGABOYABAHIZI Protais

***Umuturage witwa Nzabanita Innocent, araririra mu myotsi nyuma y'uko ahangayikishijwe n'abayobozi bamuhagarika gukora mu mirima ye kubera amakimbirane afitanye n'umugore we wamutaye mu gihe cy'amezi icyenda akagaruka ashaka gusaranganya imitungo.***

Nzabanita Innocent, wo mu Murenge wa Kanzenze mu Karere ka Rubavu, yabwiye itangazamakuru interagahinda ye y'uburyo umugore akomeza kumutererereza inzego z'ibanze zikamubuza gukora mu masambu ye.


Hari mu masaha ya mugitondo Nzabanita ahagarikiye abakozi mu isambu ubuyobozi bw'Umurenge ka Kanzenze buheruka kumuhagarikamo bumubwira ko atemerewe kuhahinga mu gihe adashaka gusaba gatanga n'umugore we yahunze cyangwa agasubira mu rugo.

Imvaho Nshya yamusanze ahagarikiye abakozi ategereje ko abayobozi bashobora kuza kumuhagarikira ibikorwa mu isambu ye nk'uko bari babikoze mu cyumweru gishize banamubwira ko nasubira mu isambu bazamufunga.

Ubusanzwe Nzabanita atunzwe no gukora ubuhinzi buciriritse, mu gihe umugore we kuri ubu batakibana mu nzu imwe afite akazi kamuhemba ku kwezi.

Mu buhamya bwe yavuze ko ubwo yashakaga atari yizeye ko umugore bashakanye akuze ari we wamuhinduka.

Yagize ati: "Ku myaka 41 narashatse tubyara abana, dutunga n'imitungo, ariko umugore yamvuyeho amara amezi icyenda, agarutse ashaka gusaranganya imitungo.



Umudugudu wa Bisesero
Akagari ka Kirerema
Umurenge wa Kanzenze

ke 16/01/2023.

MUGABO ...
ES/Kirerema ...

Twebwe ubuyobozi bw'Umudugudu wa Bisesero kubera amakimbirane Nzabanita Innocent na Uzamukunda Josee bafitanye murugo kwabo ...

Twabyumvikanyeho twembi:
- Nzabanita Innocent
- Uzamukunda Josée

Abahamya: 1. HABIYAMBERE Jean pierre
2. NYIRAHABIYAKARE Emerte
3. NYIRARUKUNDO Agnès
4. NYIRABIRAYI Genevera

Umwanditsi HABARUREMA ...

Ushinzwe Umutekano mu mudugudu wa Bisesero NSHIMIYEMENSHI Gerard.

Amasezerano Nzabanita Innocent yagiranye n'umugore we y'uburyo bagomba kuba bacunga imitungo yabo mu makimbirane

Narabyemeye ku neza kugira ngo tugire ituze. Ariko ubu ubuyobozi bw'Umurenge bwaramfungiye imirima, kuko umugore avuga ko atanshaka na gake. Barambwira ngo nsabe gatanya, ariko njye sinshaka gutandukana ahubwo nshaka ubwiyunge no kubaka umuryango wanjye ariko umugore dufitanye amakimbirane atatuma nsubira murugo ntizeye umutekano wanjye."

Nzabanita avuga ko byose byatangiye umugore we atakimwumva biza kugera ku kuba yaratangiye kugira inshuti zo hanze zatumaga akora ibyo yiboneye, aho anabwira ubuyobozi ko amezi icyenda yagiye umugabo atazi aho yarengeye, yari yaragiye gupagasa.

Akomeza ahamya ko ubwo umugore yagarukaga yaje adashaka kugaragaza aho yari ari muri ayo mezi icyenda ahubwo amakimbirane bari bafitanye atuma bungirwa mu muryango ari na ho havuye ko bagabana amasambu, kugira ngo buri wese ajya ahinga bahurize hamwe ibitunga abana.

Gusa ngo umugore aho yafashe ngo ahabyaze umusaruro yanze kuhahinga ahubwo agakomeza gushaka uko abangamira n'aho umugabo ahinga, kandi amasezerano yo kuba bacunze imitungo barayagiranye mu nyandiko.

Ati: "Njye ndifuza ubutabera no kwemererwa uburenganzira bwanjye bwo gukoresha imitungo nashatse n'umugore wanjye. Turasaba ubuyobozi kujya bwimakaza inyigisho ku bwubahane hagati y'abashakanye."

Umugore we Uzamukunda Josee, ahakana ibyo avugwaho ahubwo akagaragaza ko umugabo we amuhoza ku nkeke ari na yo mpamvu batumvikana.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kanzenze, Uwizeyimana Josiane, avuga ko bazi ikibazo cya Nzabanita n'umugore we ariko ko nk'ubuyobozi batamuhagarikiye imitungo kuko nta bubasha babifitiye mu gihe bitaremezwa n'urukiko.

Yagize ati: "Ni byo umugore yigeze gutandukana n'umugabo igihe kitari gito, ariko ubu barimo kuganirizwa. Twabahaye amezi atatu ngo bumvikane ku bijyanye n'ubwiyunge, mu gihe bitaba byiza bazahitamo inzira y'amategeko. Gusa nta burenganzira dufite bwo guhagarika umwe mu mitungo ye igihe cyose nta cyemezo cy'urukiko gihari."

## Abagore bo muri Kanzenze bakoresha nabi uburinganire

Abaturanyi ba Nzabanita bavuga ko bababazwa no kubona amakimbirane agirana n'umugore we kandi bagishakana bari mu bashakanye bafataga n'icyigererezo.

Babona bipfira ku kuba ihame ry'uburinganire bwumvikanye nabi, aho abagore bo mu Murenge wa Kanzeze benshi bakandamiza abagabo babo abandi bagahunga inshingano, bitwaje ko amategeko abarengera.

Aba bagabo bavuga ko hari abagore bajya gusuhukira ahandi badafashe umugabo n'urugo nk'aho ari inshingano, bigak

Yagize ati: "Ni byo umugore yigeze gutandukana n'umugabo igihe kitari gito, ariko ubu barimo kuganirizwa. Twabahaye amezi atatu ngo bumvikane ku bijyanye n'ubwiyunge, mu gihe bitaba byiza bazahitamo inzira y'amategeko. Gusa nta burenganzira dufite bwo guhagarika umwe mu mitungo ye igihe cyose nta cyemezo cy'urukiko gihari."

Abagore bo muri Kanzenze bakoresha nabi uburinganire

Abaturanyi ba Nzabanita bavuga ko bababazwa no kubona amakimbirane agirana n'umugore we kandi bagishakana bari mu bashakanye bafataga n'icyigererezo.

Babona bipfira ku kuba ihame ry'uburinganire bwumvikanye nabi, aho abagore bo mu Murenge wa Kanzeze benshi bakandamiza abagabo babo abandi bagahunga inshingano, bitwaje ko amategeko abarengera.

Aba bagabo bavuga ko hari abagore bajya gusuhukira ahandi badafashe umugabo n'urugo nk'aho ari inshingano, bigakurura amakimbirane. Hari n'abavuga ko bagaruka nyuma y'igihe kirekire basaba gusaranganya imitungo, ibintu bitorohera abo bashakanye.

Kamana Egide (izina ryahinduwe) wo mu Kagari ka Kirerema yagize ati: "Inaha hari abagore bumva ko uburinganire ari uguhunga inshingano. Hari n'abagenda igihe kirekire, bakagaruka bashaka imitungo gusa.

Reka dufate nk'urugero rwa Nzabanita, umugore we yamusize, amara amezi icyenda yaramutaye, agaruka amutegeka ko bagabana imitungo, none ubu umugabo yabuze uburenganzira ku mitungo ye."

KOMEZA KU RUP.18

# Rubavu: Umugore yamutaye amezi 9 agaruka asaba gusaranganya umutungo

IBIKURIKIRA URUP.17

Na bamwe mu bagore bo muri uwo Murenge banenga imitwarire ya bamwe muri bagenzi babo babasebya bumva ko kwigomeka no kwiyandarika ari ko guharanira uburenganzira bwabo.

Umugore ugeze mu zabukuru yagize ati: "Abagore bamwe bumva ko guhabwa ijambo mu muryango ari uguhunga inshingano. Nzabanita umugore we yamutaye hafi umwaka, agarutse yigarurira imitungo, none umugabo we ubu ntiyemerewe no kuyikoresha. Ibi si uburinganire, ni akarengane."

Uretse ikibazo cy'amakimbirane, hari abandi bavuga ko hari abagore bashora imari mu buhinzi n'ubucuruzi bwemewe, ariko nyuma y'aho amafaranga abonetse bagakunda gusohokera mu tubari, bakahahurira n'abagabo, rimwe na rimwe bamwe bikabasenyera.

Amategeko agenga abashakanye mu Rwanda ateganya ko gutandukana kw'abashakanye bishobora kuba uko babyumvikanye (amasezerano y'ubwumvikane) cyangwa binyuze mu rubanza rw'inkiko.

Itegeko riteganya ko buri wese agomba kubahiriza inshingano z'urugo ndetse no kubana mu mahoro, ariko mu gihe umuntu atabyubahirije, ashobora gukurikiranwa hakurikijwe amategeko.

Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga imicungire y'umuryango n'amategeko asanzwe mu Rwanda, rigena ko umuntu wese wagize uruhare mu gutanya urugo ashobora gusaba cyangwa gusabwa kwitaba urukiko, cyane cyane mu gihe habayeho gutandukana ku mpamvu z'uburwayi bw'imibanire, ubushyamirane bukabije, cyangwa kutubahiriza inshingano.

Itegeko ry'u Rwanda rigira riti "Uwitwaye nabi ku rugo, agahungabanya ituze ry'umuryango, ashobora gushyikirizwa urukiko nk'umuntu ufite uruhare mu gutuma urugo rutagenda neza."

Mu gihe habaye amasezerano y'ubwumvikane, uwabigizemo uruhare n'abashakanye ubwabo, ni bo bagomba kuyubahiriza. Niba umwe muri bo atsindagiye abandi ayo masezerano, urukiko rushobora gufata ibyemezo birimo gutanga ingingo zo gukemura amakimbirane, gusaranganya imitungo cyangwa kugena uburenganzira ku bana.

# Rusizi: Afungiye gusambanya umwana w'imyaka 12 amushukishije 200Frw

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Hakizayezu Félix w'imyaka 56 wo mu mudugudu wa Gatare,akagari ka Nyabintare,umurenge wa Nyakabuye,akarere ka Rusizi, afungiye kuri sitasiyo ya RIB ya Nyakabuye,akurikiranyweho gusambanya umwana witwa Girimpuhwe Nadia w'imyaka 12 wiga mu wa 3 w'abanza muri GS Nyantomvu,amushukishije amafaranga 200.***

Umukuru w'umudugudu wa Nyabintare,Iyakaremye Jean d'Amour,yabwiye Imvaho Nshya ko inkuru yamenyekanye ari uko uyu mwana abwiye nyina ko agiye kugura ubunyobwa,nyina akamubaza aho amafaranga yayakuye,umwana akamusubiza ko yayahawe na Hakizayezu Félix akamusambanya akamubwira ko azamwongera andi mafaranga 100.

Ati"uyu mugabo ufite umugore,abana 6 n'abuzukuru 3, icyaha akekwaho yagikoze ubwo uyu mukobwa yari mu rugo rw'uyu mugabo akina n'abandi bana mu biruhuko, ababyeyi be bari bagiye guhaha iby'ubukwe kuko bazashyingiza umuhungu wabo ku wa 11Gicurasi,2025."

Arakomeza ati" Hakizimana Félix yatumye abo bana bose kujya kumuvomera amazi, umugore we yagiye gusarura umuceri mu kibaya cya Bugarama, abwira uwo mukobwa ngo nagaruke amubwire,amujyana mu nzu kuko butari ubwa mbere nk'uko umwana yabitubwiye, amuha amafaranga 200 ngo baryamane ,amubwira ko azamuha andi 100,umwana arabyemera bararyamana."

Avuga ko umwana yababwiye ko iyi yari inshuro ya 2,iya mbere na bwo yamuhaye amafaranga 200 bararyamana,amutera ubwoba ko nabivuga azamukubita, ubu kugira ngo yongere yemere amuha andi 200 amubwira ko azamwongera iryo jana.

Ati" Ibyo umwana akibitubwira,yahise ajyanwa ku kigo nderabuzima cya Nyakabuye guhabwa ubutabazi bw'ibanze, mbere yo kujyanwa muri One stop center mu bitaro bya Mibilizi, uyu mugabo ahita atabwa muri yombi."

Mudugudu avuga ko atari ubwa mbere uyu mugabo akekwaho iki cyaha kuko mu myaka 20 ishize n'ubundi yafungiwe gusambanya umwana w'umukobwa w'imyaka 12, arafungurwa , icyo gihe ibyo gukurikirana uburenganzira bw'umwana wasambanyijwe byari bitaragira ingufu nk'izo bifite ubu, birazinzikwa,birarangira,uyu akaba ari umwana wa 2 akurikiranyweho.

Umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge wa Nyakabuye Kamali Kimonyo Innocent, yabwiye Imvaho Nshya ko uyu mugabo afungiye kuri sitasiyo ya RIB ya Nyakabuye.

Ati" Yafashwe,afungiye kuri sitasiyo nya RIB ya Nyakabuye,akurikiranyweho gusambanya umwana w'imyaka 12 amushukishije amafaranga 200. Umwana yajyanywe mu bitaro bya Mibilizi"

Yasabye ababyeyi gukurikirana abana babo,bakabamenyera ibyo bakeneye, ibyo batabashije kubona bakabasobanurira ko batabifite,abana bakihangana,aho kujya kubishakira mu bashobora kubangiriza ubuzima.

Ati" Kuko nk'uyu mwana yemera gufata aya mafaranga kubera ko aba yayabuze iwabo, bitavuze ko baba bayabuze,ahubwo ari auko bataba baganirije abana ngo babumve, bigatuma umwana ashukishwa nk'ayo mafaranga y'inticantikize ubuzima bwe bukangirika,bikazajya kumenyekana yararangije kononekara."

Yanabasabye kugira amakenga igihe babonye abana babo,-cyane cyane ab'abakobwa bafite amafaranga,bakihutira kubabaza aho bayakuye,kuko akenshi baba bayakuye muri abo babangiza. Umubyeyi ugize ayo makenga akaba yahamagara ubuyobozi akabuha amakuru bukamufasha kubikurikirana igihe abona bishobora kumugora wenyine.

Yanasabye abagabo n'abasore kwirinda kwangiza abana babasambanya kuko ari icyaha gihanwa bikomeye n'amategeko,ibihano byacyo biremereye cyane,umwana agomba kurindwa ntahohoterwe.




Anavuga ko umwana wahohotewe nka kuriya,nyuma yo kugezwa kwa muganga, inshuti z'umuryango zimwegera zikamuganiriza kubera ihungabana aba yahakuye, zikamuba hafi mu kumufasha guhangana n'ingaruka ashobora guhuriramo na zo, n'ababyeyi be bakaganirizwa kugira ngo barusheho kumuba hafi, n'inzego z'ibanze zikabigiramo uruhare,umwana agahumurizwa.

Ingingo ya 14 y'itegeko No 059/2023 ryo ku wa 4 ukuboza,2023,rihindura itegeko No 68/2018 ryo ku wa 30 Kamena 2018,riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange,ivuga ko iyo gusambanya umwana bikorewe ku mwana uri munsi y'imyaka 14,ubihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo cya burundu.





# Burera: Ibura ry'amazi ryatumye ijerekani igura 300 Frw

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu Mirenge ya Rugarama, Cyanika na Gahunga mu Karere ka Burera, barataka bavuga ko babangamiwe n'ibura ry'amazi ryatumye kuri ubu ijerekani imwe igeze ku mafaranga y'u Rwanda 300.***

Ni mu gihe mu busanzwe, ijerekani imwe bari bamenyereye ko igura igiceri cya 20 cy'amafaranga y'u Rwanda ku biciro byashyizweho n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC).

Bitewe n'iki kibazo, bamwe mu baturage bavuga ko batakibasha gukaraba cyangwa kumesa uko bikwiye, abandi bakemeza ko abana babo bajya gushaka amazi mu kiyaga cya Burera bikongera ibyago byo kuba bagirirayo impanuka, bitewe no kubura ababaherekeza.

Umuturage wo muri Gahunga, yagize ati: "Tumaze amezi agera kuri atanu tudaheruka kubona amazi ku mavomo. Muri kano gace dufite amavomo make kandi amazi aza rimwe na rimwe. Abafite ibigega mu ngo barayabika, ijerekani bakayigurisha 300. Niba utayabifite, uyoboka amazi y'ikiyaga cya Burera."

Nsangamariya Aliette, utuye mu Murenge wa Cyanika, avuga ko amazi ajya aboneka cyane cyane mu rukerera, bityo akavomwa n'abafite ingufu.

Yagize ati: "Amazi aboneka nka saa kumi za mu gitondo, kandi si buri wese uba yabyutse. Abifitiye ibigega mu ngo ni bo bafite ubuzima bworoshye, twebwe no gukaraba biratugora. Iyo twohereje abana ku kiyaga, bamwe bagwamo. Bituma tugomba kujya dushaka umuntu mukuru wo kubajyana, ibi bintu biduteza ibibazo cyane."

Rulisa Chrissy, umukozi wa WASAC mu Karere ka Burera, yemera ko ikibazo cy'amazi kizwi, ariko ko nta muturage wemerewe gucuruza amazi atabifitiye uburenganzira bwemewe n'amasezerano na WASAC.

Yagize ati: "Imiyoboro yubatswe kera ingo zikiri nkeya, ariko ubu abaturage bariyongereye. Umuyoboro uhuza Musanze, Nyabihu na Burera uri kuvugururwa, hakongerwa ubushobozi n'uruganda rutunganya amazi. Biteganyijwe ko mu kwezi kwa 12 mu 2025 uruganda ruzaba rwuzuye, bigatuma Akarere ka Burera gashyikirizwa amazi mu buryo buhoraho gusa kuva muri Kanama 2025, hari ubwo abaturage bazaba batangiye kuvoma n'ubwo imirimo izaba igikomeza."

Umuyobozi w'Akarere ka Burera Mukamana Soline, avuga ko ikibazo cy'amazi kiri cyane mu gice cyegereye ikirunga cya Muhabura, ariko hari umushinga wo kuvana amazi ku ruganda rwa Mutobo ruzatanga igisubizo kirambye.

Yagize ati: "Turimo gusaba ko ibikorwa byo kwagura umuyoboro byihutishwa. Dusaba abaturage gukomeza kwihangana, ariko natwe ikibazo kiratubabaje. Igihe amazi azaba ageze hose, buri wese azabasha kuyabona atabanje kuyagura ku giciro kiri hejuru, kandi abacuruza amazi nta burenganzira tugiye kubaganiriza."

Ubuyobozi bw'Akarere busaba abaturage gukomeza kugira isuku, bakoresha amazi atetse kandi asukuye, mu rwego rwo kwirinda indwara ziterwa n'umwanda.



Bakora ingendo ndende bajya gushaka amazi, ndetse ijerekani igura 300Frw



Abatuye Bugaragara bugarijwe n'ibisambo bibambura utwabo

# Nyagatare: Bugaragara barembejwe n'abajura babambura ku manywa y'ihangu

HITIMANA SERVAND

***Abaturage batuye, abakorera n'abagenda muri santere ya Bugaragara mu Murenge wa Rwimiyaga bavuga ko barembejwe n'ibisambo bibambura utwabo, aho badatinya no kubatega ku manywa bakanabakubita.***

Abo baturage bavuga ko bikorerwa ahitwa ku budara ahakunze kuba ibihazi by'abanyarugomo batangira abagenzi bakabambura.

Bamwe muri bo bavuga ko byabaye nk'ibimenyerwa ku buryo umuntu yamburwa ku manywa abantu bareba ntihagire utabara.

Butera Augustin agira ati: "Aha hantu hamaze kwigarurirwa n'ibisambo byiremyemo amatsinda yambura abantu igihe cyose bafite icyo bakubonyeho. Uba ufite telefone bakayikwambura batanayigushikuje, aho bagufata bakagukubita kugeza ubahaye ibyo bakwaka. Ikibabaje ni uko bambura umuntu hari abarebera ariko ntawutinyuka kujya gutabara."

Murego John na we yagize ati: "Ikibazo dufite hano ni abajura batwambura aho twifuza ko ubuyobozi bwakora ibishoboka bagafatwa bakabihanirwa. Ubu abantu basigaye basiganwa no gutaha butaragoroba kuko bwo birushaho gukomera. Ntawe batinya, bategaga abagore bakabambura ushatse kwihagararaho bagakubita. Batega n'abagabo nabo bagahuragura bakabacucura."

Aba Baturage bavuga ko iki kibazo kizwi n'ubuyobozi bw'Akagari ndetse n'Umurenge, bakaba baheruka no kukigeza ku Muyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu.

Umuyobozi w'Umurenge wa Rwimiyaga, Bagabo Anthony avuga ko ubuyobozi buri gukora ibishoboka mu guhangana n'aba bajura, akanasaba ko abaturage babigiramo uruhare.

Ati: "Iki kibazo kirazwi, gikorwa n'abo dufata nk'abagizi ba nabi ndetse hari ingamba twashyizeho ku bufatanye n'inzego z'umutekano mu guhangana n'abishoye muri ibi bikorwa bibi.

Ikindi ariko ni uko harimo n'umuco mubi w'abaturage badatabara aho umuntu yamburwa hafi aho hari abarebera."

Yakomeje asobanura ko na bo babibutsa ko hari itegeko rihana udatabara umuntu uri mu kaga, bakabasaba guhaguruka bagafatanya bagatanga amakuru kuko ababikora bataha mu makaritsiye bafite abo baturanye, bityo bakajya bafatwa bagashyikirizwa inzego zibishinzwe.

Santere ya Bugaragara ni santere iri gukura aho ibikorwa by'ubucuruzi byiyongera, ikindi ikaba iri guturwa ari ko hiyongera urujya n'uruza rw'abaturage.



Bataka amashanyarazi baturiye transifo

# Rubavu: Abaturage baturiye transfo barataka kutagira umuriro w'amashanyarazi

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Kanzenze, Akarere ka Rubavu, baravuga ko bahangayikishijwe no kutagira umuriro w'amashanyarazi, nyamara batuye hafi y'aho transfo yashyizwe. Bavuga ko iki kibazo kibadindiza mu iterambere no mu mibereho yabo ya buri munsi.***

Abo baturage batuye mu Kagari ka Nyamirango, aho transfo yashyiriweho gutanga umuriro ku kigo cy'amashuri kiri aho hafi, ariko ngo insinga z'amashanyarazi zibanyura hejuru, bo bari mu mwijima.

Sibomana Jean Marie Vianney, utuye mu Mudugudu wa Gasizi, avuga ko ari ikibazo

Yagize ati: "Dufite ikibazo gikomeye cy'umuriro. Duturanye na transfo ariko ntacyo bidufasha. Twibera mu mwijima. Abatekinisiye barahageze barandika, ariko kugeza n'ubu nta muriro turabona. Twifuza ko natwe twahabwa umuriro kugira ngo twiteze imbere."

Abaturage bavuga ko ibura ry'umuriro ribagiraho ingaruka zirimo n'iz'ubukungu, dore ko bibasaba gukoresha peteroli mu ngo zabo, ndetse no kujya gushyira umuriro muri telefoni zabo (gucaginga) kure, bikabahenda.

Siborurema Emmanuel avuga ko abana babo bahora barwaye ibicurane ngo kubera imyotsi iva mu dutadowa kubera gucana peteroli.

Ati: "Abana bacu ntibabasha gusubira mu masomo neza kubera ko tugomba guhora tugura peteroli ngo bacane, kandi nayo irahenda. Gucaginga telefoni ni ikibazo; tujya kuri kaburimbo kure, kandi baduca amafaranga 100 kuri buri telefoni. Ibi byose bidusubiza inyuma, ntitubasha kwizigamira cyangwa gutera imbere."

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kanzenze bwemera ko ikibazo gihari, bukizeza abaturage ko hari gukorwa ibishoboka ngo umuriro ubegerezwe mu gihe cya vuba.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kanzenze, Uwizeyimana Josiane,

yagize ati: "Ni byo koko hari transfo yashyizwe hariya, ariko abaturage ntibahabwa umuriro. Twaganiriye na REG, kandi mu minsi iri imbere harashingwa amapoto kugira ngo babone umuriro. Abatekinisiye barahageze, tukaba tubasaba kwihangana."

Umurenge wa Kanzenze uzwiho ubuhinzi n'ubworozi buteye imbere, iyo bateganyaga ko imodoka izaza gutwara umusaruro, ariko telefoni zabo zaba zarabuze umuriro ntibabashe kuvugana n'abaguzi babo, bigatuma umusaruro ushobora kwangirika cyangwa ukarara ku nzira.

# Nyabihu: Kintobo babangamiwe n'agasururu ka Mudugudu n'amafaranga y'ikiziriko basabwa

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Kintobo, Akarere ka Nyabihu, baratabaza bavuga ko babangamiwe n'amafaranga basabwa kugira ngo bahabwe inka muri gahunda ya Girinka, amafaranga bita ikiziriko, hamwe n'andi yitwa agasururu asabwa na bamwe mu bayobozi b'Inzego z'ibanze.***

Abo baturage bavuga ko batungurwa no gusabwa ruswa itari munsi y'ibihumbi 40 kugira ngo bahabwe inka, kandi nyamara baba barashyizwe ku rutonde rw'abagomba korozwa. Ibi ngo bikorwa n'abayobozi b'Inzego z'ibanze barimo ba Mudugudu na ba Mutwarasibo, ibintu bavuga ko bibatera intimba kuko bibabuza amahirwe yo kwikura mu bukene.

Umwe muri abo baturage wahawe amazina ya Kambali Jean yagize ati: "Nari ku rutonde rw'abagomba guhabwa inka, ariko nasabwe amafaranga ibihumbi 40 yitwa ikiziriko. Nabwiye Mudugudu ko ntayo mfite, arambwira ngo nibura nshake ibihumbi 15 by'agasururu. Narayabuze, inka ndayiheba da! Muri uyu Murenge ntawuhabwa inka adatanze ruswa."

Mukamwezi Evodia (amazina yahinduwe) na we avuga ko amaze imyaka ibiri atarahabwa inka, n'ubwo yatoranyijwe mu nama y'Umudugudu.

Yagize ati: "Birababaje kubona umuntu w'umukene, Perezida Kagame amutekerejeho amwemerera inka yo kwizamura, ariko ngo kugira ngo uyihabwe usabwe ibihumbi 50. Ayo mafaranga se yo mbaye nyafite sinaguramo ihene ikazavamo inka? Nababwiye ko ntayo mfite baransimbuka, ubu amaso yaheze mu kirere ikibazo mperuka nkigeza kwa gitifu nta gisubizo ndabona."

Undi muturage witwa Habimana Erasme (izina ryahinduwe) avuga ko basabwa ayo mafaranga binyuze kuri ba Mutwarasibo, kuko Mudugudu atagera kuri buri muturage, akaba ngo ari bo ba komisiyoneri.

Yagize ati: "Ba Mutwarasibo ni bo baza batubwira ko tugomba gutanga amafaranga y'ikiziriko. Iyo utagitanze barakugaya, bakavuga ko utumvira, kandi bakakwita umuturage mubi. Twifuza ko ruswa yacika burundu muri iyi nkunga twiherewe na Nyakubahwa Perezida Paul Kagame."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kintobo, Donatille Mugabekazi, avuga ko nta makuru yari afite kuri ibyo bibazo, ariko ko bagiye kubikurikirana, abo bose babyihishe inyuma bahanwe n'amategeko.

Yagize ati: "Sinakwemeza ko ayo makuru ari ukuri kuko gahunda ya Girinka igenerwa abaturage batishoboye ku buntu. Nta muyobozi wemerewe gusaba amafaranga. Abo babikora baba bangiza gahunda nziza ya Leta. Tuguye kugera kuri aba baturage tubikurikirane, umuyobozi uzabifatirwamo azahanwa n'amategeko."

Gahunda ya Girinka yatangijwe mu 2006 na Perezida wa Repubulika Paul Kagame, igamije gufasha imiryango itishoboye kubona amata, ifumbire n'amafaranga binyuze mu korozwa inka. Ni gahunda y'ubumuntu yaharaniwe mu rwego rwo kurwanya imirire mibi, guteza imbere ubukungu bw'imiryango no gushimangira gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda.



Abo muri Kintobo bavuga ko basabwa amafaranga yitwa ay'ikiziriko ngo bahabwe Girinka





# Rutsiro: Uko umugabo n'umugore we bivanye mu bafashwa na Leta



Umuryango wa Nteziryayo Thomas wishimira ko wikuye mu bukene

KWIZERA Jean de Dieu

***Iterambere ry'umuryango wa Nteziryayo Thomas wo mu Kagari ka Cyarusera, mu Murenge wa Mushubati, Akarere ka Rutsiro uravuga imyato inkunga bahawe na Leta yatumye bikura mu cyiciro cy'abafashwa na Leta kuri ubu bakaba bakomeje urugendo rw'iterambere.***

Nteziryayo yashakanye n'umugore we ariko basakirwa n'ubukene bwatumye bashyirwa mu cyiciro cy'abafashwa na Leta.

Nteziryayo Thomas, aganira na Imvaho Nshya, yabanje gusobanura uko yabonye inzu yazaniyemo umugore, agaragaza ko yahawe ikibanza n'iwabo na we agatera ibiraka byavuyemo ayubatse iy'icyumba kimwe n'uruganiriro.

Yavuze ko inzu yiyubakiye yari ifite agaciro ka miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda harimo n'ikibanza, ariko ubufasha yahawe na Leta bwatumye yiteza imbere n'umugore we.

Ati: "Ubwo tukimara kubana n'umugore wanjye, twatangiye guca inshuro ariko bikanga, kugeza ubwo mu 2014 badushyize mu batishoboye ndetse batangira kutwishyurira ubwishingizi mu kwivuza ndetse muri uwo mwaka baduha imirimo muri VUP dutangira guhinga gutyo."

Yongeyeho ati: "Mbere y'uko tubona imirimo muri VUP hari ubwo njye najyaga mu kiraka, umudamu akakibura ku buryo hashoboraga gushira icyumweru nkozemo rimwe cyangwa kabiri, twajya kureba tugasanga nta mafaranga yo kuzigama dufite ndetse nta n'aho guhinga dufite bikaba ikibazo gikomeye."

Akomeza avuga ko mu 2014 bagihabwa imirimo yo muri VUP, bakoze bazigama, bajya no mu matsinda bagamije kwiteza imbere ubwabo badafashijwe n'abandi.

Nteziryayo avuga ko intambwe yo kwiteza imbere yatangiye mu 2015 ubwo Umurenge wa Mushubati wabahaga amafaranga y'u Rwanda 60 000 yo kubafasha kwiteza imbere nyuma yo kuyakoresha mu gihe cy'amezi atandatu bakayishyura agahabwa abandi.

Nyuma yo gufata ayo mafaranga bagurijwe n'Umurenge bayongeranyije n'ayo bakoreye bibafasha kwinjira mu bworozi bw'inka ari na bwo bwababereye inzira y'iterambere.

Ati: "Icyo gihe inka zari zikigura makeya, twafashe amafaranga twari twarasaruye mu bishyimbo twahinze mu ruterane no muri VUP, duhuza n'ayo bari baduhaye tuguramo inka y'ikimasa y'amafaranga y'u Rwanda 140.000. Twahise dutangira kuragira icyo kimasa, tucyitaho kirakura tuza kukigurisha amafaranga 260.000. Ayo mafaranga twayaguzemo umurima mu 2018."

Isambu baguze bayihinzemo urutoki, bahinga n'imbuto, bahinga inyanya, ibintu bikomeza kwiyongera.

Nyuma baguze inkoko 30 z'inyarwanda, bakomeza kwiteza imbere ari na bwo basanze atari byiza gukomeza gufashwa na Leta mu gihe bamaze kugira ubushobozi.

Yakomeje agira ati: "Hashize igihe gito, inkoko zitangira gutera, nkagurisha ubundi njye n'umugore tujya mu matsinda. Tugira ubushake bwo kwiteza imbere, kugeza ubwo twaje kugura indi sambu, ubundi, nyuma tugura urutoki, tubonye ubuzima buri kugenda neza mu 2023 dutangira kuvugurura inzu yacu twari dutuyemo."

Nteziryayo Thomas avuga ko kuva mu cyiciro cy'abatishoboye ari intambwe nziza bateye kandi ko cyabahaye imbaraga zo gukomeza gukora cyane.

Kugeza ubu bamaze kugera ku masambu ageze kuri hegitari, bakaba boroye amatungo magufi arimo inkoko n'ihene ndetse bakaba bashobora kwinjiza agera ku 300 000 by'amafaranga y'u Rwanda mu gihembwe, aho bakomeje kuvugurura inzu ifite agaciro ka miliyoni 12 z'amafaranga y'u Rwanda.

Umugore wa Nteziryayo Thomas asanga we n'umugabo we hari byinshi abandi bashobora kubigiraho harimo no gukora cyane, kwigirira icyizere no kwizigamira.

Ati: "Ikintu cya mbere gituma abantu batera imbere, ni ukugira umutekano mu rugo kuko ibyo mwaba mufite byose ariko muticara ngo mushyire hamwe nta cyo mwageraho. Ni yo mwaba mufite miliyari ariko buri umwe anyura aha undi hariya ntimuhuze, ntabwo mwatera imbere."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mushubati Jean Pierre Mwenedata yashimiye umuryango wa Nteziryayo bashoboye kubyaza umusaruro inkunga bahabwaga na Leta.

Yagize ati: "Dushimira cyane imiryango ikora nk'uwa Nteziryayo Thomas kuko hari n'ubwo tubifashisha mu gukangurira abandi gukora no kwiteza imbere. Icyo twasaba imiryango ikiri mu nzira y'iterambere, ni uko bajya bashyira hamwe kandi bagakora bahuriza hamwe aho kuba umwe yashaka gusahura n'ibyo batunze."

Yasobanuye ko amafaranga 60 000 yahawe uwo muryango, yari asanzwe atangwa ku miryango itishoboye aho yasabwaga kuyakoresha neza ubundi nyuma bakazayasubiza agahabwa abandi kandi bikaba byaragaragaje umusaruro.

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Abarimo Alexis Dusabe bashimiye Dove Hotel yatangiye gushyigikira abahanzi

**MUTETERAZINA Shifah**

***Abahanzi barimo Alexis Dusabe, umunyabigwi mu kuririmba indirimbo zo kuramya no guhimbaza Imana, n'abakirisitu bakunda ibihangano baravuga imyato ubufatanye Dove Hotel yatangije ku bahanzi n'ibitaramo byabo.***



Alexis Dusabe yishimiye kuba Dove Hotel yatangiye gukorana n'abahanzi mu gutegura ibitaramo avuga ko bibatera imbaraga



Umuyobozi wa Dove Hotel Rutagengwa Philbert, avuga ko imikoranire n'abahanzi izakomeza kandi nta kurobanura

Ubufatanye Dove Hotel yatangije bukubiye mu bice bibiri, aho bashora amafaranga afasha umuhanzi mu myiteguro n'imigendekere myiza y'igitaramo, ariko na we akabaha urubuga bacururizamo serivisi zabo ziganjemo ibiribwa n'ibinyobwa.

Ni gahunda iyo hoteli yatangiriye ku gitaramo 'Unconditional Love Live Concert II' cya Bosco Nshuti, cyabaye ku mugoroba wo ku Cyumweru tariki 13 Nyakanga 2025.

Mu kiganiro Imvaho Nshya yagiranye Alexis Dusabe wacyitabiriye, yatangaje ko kubashyigikira mu buhanzi bwabo ari intambwe ikomeye yatewe n'iyi hoteli, bakaba banyuzwe n'uko beretswe ko bashyigikiwe.

Yagize ati: "Ni intambwe nziza cyane, kubera ko buriya iyo mu nda nta kirimo gutega amatwi biragora, ariko iyo ufashe ikawa, amazi cyangwa ikindi, bigenda neza. Ubutumwa bwiza mu mubiri muzima."

Uyu muhanzi yashimiye ubuyobozi bwa Dove Hotel bwafashe icyemezo kizima cyo gushyigikira abahanzi n'ibitaramo bakora.

Uretse Alexis Dusabe, abitariye icyo gitaramo na bo bishimiye iyo gahunda, kubera ko byabafashije kubona ibinyobwa n'ibiribwa bya Hotel ku biciro byoroherereza buri wese.

Umukundwa Grace uri mu bitabiriye icyo gitaramo, yabwiye Imvaho Nshya ko igitaramo cyarushijeho kumugendekera neza, kuko yakeneye icyayi akakibona hamwe n'ibiribwa byoroheje kandi bihendutse byamufashije kunezerwa anica isari.

Ati: "Ndishimiye cyane, igitaramo cyangendekeye neza kuko uretse kuramya, nakunze icyayi cya Dove Hotel ukuntu kiryoshye kandi ku giciro cyiza gishobokeye buri wese."

Umuyobozi wa Dove Investment Co. Ltd, Rutagengwa Philbert, avuga ko igitaramo bashyigikiye cyaberetse ko bari baratinze, ariko ko bateye intambwe idasubira inyuma mu gufatanya n'abahanzi gutegura ibitaramo.

Ati: "Twafashe umujyo wo gushyigikira ba rwiyemezamirimo bari ku musozi w'ubuhanzi, ni yo mpamvu twashoye muri iki gitaramo kugira ngo dushyigikire Bosco Nshuti mu migendekere myiza yacyo. Ni gahunda nshya ariko ni gahunda ikomeza, tuzanakorana n'abandi."

Uyu muyobozi avuga ko batazibanda gusa ku gufatanya n'abahanzi baririmba Gospel kuko uwabagana wese bagasanga bahuje indangagaciro bakorana, ku buryo impande zombi zakungukira muri iyo mikoranire.



Bosco Nshuti yasusurukije abitabiriye igitaramo

Uretse kuba abenshi bishimiye ibinyobwa byoroheje, icyayi n'ikawa bitegurwa na Dove Hotel, bahamya ko byihariye ku cyanga n'uburyohe, banagaragaje ko banejejwe no kuba iyo Hoteli yubakiye ku ndangagaciro za gikirisitu yatangiye kwegera n'abandi bantu batabashaga kuhasohokera ishyira ibiciro aho buri wese yakwigondera.

Ubuyobozi bwa Dove Hotel buvuga ko kuva bwatangira iyi gahunda bamaze kwakira ubusabe bw'abandi bahanzi bifuza gukorana na bo.




Dove Hotel yatangiye gushyigikira ibitaramo by'abahanzi ikanagaburira ababyitabiriye



Alexis Dusabe yanyuzwe na serivisi za Dove Hotel





# APR BBC yatsinze REG BBC yegukana igikombe cya 16 cya shampiyona

***APR BBC yegukanye igikombe cya Shampiyona y'Icyiciro cya Mbere muri Basketball y'Abagabo 2024/25 itsinze REG BBC amanota 81-72, yuzuza intsinzi enye kuri imwe mu mikino ya nyuma ya kamarampaka.***



Youssoupha Ndoye yahembwe nk'umukinnyi mwiza w'iyi mikino (MVP)



APR BBC yegukanye Igikombe cya Shampiyona ku nshuro ya gatatu yikurikiranya

Uyu mukino wabaye ku mugoroba wo ku wa Gatanu tariki ya 11 Nyakanga 2025, muri BK Arena.

APR BBC yagiye gukina isabwa gutsinda ikegukana igikombe cya 15 cya Shampiyona.

Ku rundi ruhande, REG BBC nayo yasabwaga gutsinda kugira ngo igarure icyizere yayigarurira icyizere cyo gutwara igikombe iheruka mu 2022.

Umukino watangiye watangiye wegeranye cyane Youssoupha Ndoye na Isezerano Enock batsinda ku mpande zombi. Aka gace karangiye APR BBC iyoboye n'amanota 17 ya 15 ya REG BBC.

Mu gace ka kabiri, Ikipe y'Ingabo z'Igihugu yakomeje kongera cy'amanota ibifashijwemo na Robbeyns Williams, Axel Mpoyo na Jean Victor Mukama kiba (30-21)

Mu minota itatu nyuma, REG BBC yubuye umutweitangira kugabanya ikinyuranyo abarimo Prince Muhizi na Garmine Kande Kieli na Umuhoza Jean de Dieu batsinda.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya amanota 35-35.

Mu gace ka Gatatu, amakipe yombi yakomeje kugendana mu gutsinda amanota abarimo Youssoupha Ndoye na Prince Muhizi batsinda ku mpande zombi.

Mu minota itanu ya nyuma, APR BBC yongereye ikinyuranyo ibifashijwemo Youssoupha Ndoye na Antino Jackson.

Aka karangiye APR BBC iyoboye umukino n'amanota 56 Kuri ya 54 ya REG BBC.

Ikipe y'Ingabo yakomeje gukina neza mu gace ka nyuma ikomeza gutsinda amanota binyuze muri Antino Jackson watsinda amanota atatu menshi, Israel Otobo naYoussoupha Ndoye wagize umukino mwiza ndetse ikinyuranyo kiba (78-67).

Habura iminota REG BBC yagerageje kugabanya Muhizi Prince, Cleveland Thomas Junior na Enock Isezerano ariko biranga.

Umukino warangiye APR BBC itsinze REG BBC amanota 81-72 yegukana Igikombe cya Shampiyona ku nshuro ya Gatatu yikurikiranya kiba igikombe cya 16 yegukanye mu mateka yayo.

Nyuma y'uyu mukino, hakurikiyeho umuhango wo guhemba amakipe yitwaye neza ndetse n'abakinnyi ku giti cyabo.

Muri rusange, APR BBC yegukanye umwanya wa mbere yahawe igikombe giherekejwe na miliyoni 15 Frw, REG BBC ya kabiri ihabwa miliyoni 7,5 Frw, mu gihe UGBBBC yahawe miliyoni 3,5 Frw.

Youssoupha Ndoye wa APR BBC yabaye umukinnyi mwiza muri iyi Mikino ya Kamarampaka ndetse ahabwa na Milliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda.

Kayondo Eric ukinira UGB yabaye umukinnyi wazamuye urwego kurusha abandi mu gihe Elliot Cole wa Patriots BBC yahembwe nk'umukinnyi watsinze amanota atatu menshi muri Shampiyona aho yatsinze amanota 54.


Umukinnyi mwiza wa shampiyona isanzwe (Regular season) yabaye Umunya-Mali Aliou Diarra wakiniraga APR BBC naho umukinnyi uwatsinze amanota menshi muri uyu mwaka wabaye Jean Jacques Boissy wakiniraga REG BBC watsinze amanota 367.

Umutoza w'umwaka yabaye James Maye Junior utoza APR BBC.

Ikipe ya APR BBC ni yo izahagararira u Rwanda mu irushanwa ritaha rya Basketball Africa League (BAL 2026).



Perezida wa APR BBC, Richard Mulefu na Kapiteni Robbeyns Williams bishimira igikombe cya gatatu itwaye yikurikiranya



Ibyishimo byari byinshi ku bafana ba APR BBC muri BK Arena

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-21 TARIKI 08 - 14 NYAKANGA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Chelsea yegukanye Igikombe cy'Isi cy'Amakipe cya 2025



**Chelsea yegukanye Igikombe cy'Isi cy'Amakipe cya 2025**

**SHEMA Ivan**

***Chelsea yegukanye igikombe cy'Isi cya 2025 itsinze Paris Saint-Germain ibitego 3-0 ku mukino wa nyuma.***

Uyu mukino wabaye mu ijoro ryo ku Cyumweru tariki ya 13 Nyakanga 2025, muri MetLife Stadium yakira abafana 82 500 iri mu Mujyi wa New Jersey.

Uwo mukino witabiriwe na Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika Donald Trump, Perezida wa FIFA Gianni Infantino n'abandi ba nyacyubahiro batandukanye.

PSG yagiye gukina uyu mukino ihabwa amahirwe yo kwitwara neza, cyane ko yasezereye amakipe menshi akomeye, mu gihe Chelsea yo byavugwaga ko yahuye n'amakipe adakomeye cyane.



**Perezida wa Amerika Donald Trump n'umugore we Melania Trump bitabiriye uyu mukino**

Uyu mukino watangiye wihuta, amakipe yombi asatirana mu minota 20 ya mbere.

Ku munota wa 22, Malo Gusto yazamukanye umupira yihuta awutanga kwa Cole Palmer atsinda igitego cya mbere cya Chelsea.

Nyuma y'iminota mike, Enzo Fernández yateye umupira muremure usanga Palmer winjiye mu rubuga rw'amahina acenga, awusubiza mu nguni nk'uko yabigenje ku gitego cya mbere, atsinda igitego cya kabiri ku munota wa 30.

Chelsea yihariye iki gice, yongeye kuzamuka yihuta, Palmer acomekera João Pedro umupira mwiza aroba umunyezamu Gianluigi Donnarumma, atsinda igitego cya gatatu ku munota wa 43.

Igice cya mbere cyarangiye Chelsea yatsinze Paris Saint-Germain ibitego 3-0.

PSG yatangiranye imbaraga igice cya kabiri ishaka kwishyura ibitego ariko umunyezamu Robert Sánchez n'ubwugarizi bayibera ibamba.

Ku munota wa 85, João Neves wa PSG yakiniye nabi myugariro Marc Cucurella amukurura imisatsi, umusifuzi nyuma yo kwitabaza VAR amuha ikarita y'umutuku.

Umukino warangiye Chelsea itsinze Paris Saint-Germain ibitego 3-0, yegukana Igikombe cy'Isi cy'Amakipe cyakinwe bwa mbere n'amakipe 32.

Yari inshuro ya kabiri iyi kipe yo mu Bwongereza yegukanye iki gikombe yaherukaga mu 2021.

Chelsea yahawe miliyoni 125 z'amadolari y'Amerika zirimo miliyoni 40 z'amadolari zo gutsinda umukino wa nyuma ndetse na miliyoni 85 zo gukomeza muri buri cyiciro kugeza yegukanye igikombe.

Mu bihembo byatanzwe, Umukinnyi w'irushanwa yabaye Cole Palmer wa Chelsea, Umunyezamu mwiza w'irushanwa yabaye Robert Sánchez wa Chelsea, Umukinnyi ukiri muto mwiza yabaye Desire Doué wa PSG ni mu gihe Rutahizamu w'irushanwa yabaye Gonzalo García watsinze ibitego 4.


Iri rushanwa rizongera gukinwa mu 2029.



**Cole Palmer yabaye umukinnyi mwiza w'irushanwa**



**Robert Sánchez yabaye umunyezamu mwiza w'irushanwa**



**Désiré Doué yabaye umukinnyi mwiza ukiri muto w'irushanwa**